<p>Uwishyurwa nta cyo ashobora kuryoza uwishyura yitwaje ko ikigo cy'imari kitakoze ku muni w'akazi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Kwemerwa kw'ikimenyetso cy'uko inyandiko ishobora gucuruzwa itishyuwe</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa itishyuwe cyangwa kopi yayo iriho umukono wa noteri ifatwa nk'ikimenyetso mu rukiko.</p> <p>Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba sheki.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Inyandiko ishobora gucuruzwa iherekejwe n'inkomyi</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa iherekejwe n'inkomyi cyangwa ishingiyeye ku kintu kitazwi ntishobora gucuruzwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Uwishyurwa inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa uwo yanditseho cyangwa uyitwaje.</p>	<p>The payee has no claim on the pretext that the financial institution is closed on a working day.</p> <p><b><u>Article 8: Admissibility of evidence of an unpaid negotiable instrument</u></b></p> <p>A negotiable instrument that is not honoured or its copy signed by a notary is considered as evidence in a court.</p> <p>The provisions of Paragraph One of this Article do not apply to cheque.</p> <p><b><u>Article 9: Negotiable instrument paid on condition</u></b></p> <p>An instrument payable on condition or depending on uncertain event does not constitute a negotiable instrument.</p> <p><b><u>Article 10: Payee of a negotiable instrument</u></b></p> <p>A negotiable instrument is payable either to order or to bearer.</p>	<p>Le bénéficiaire n'a aucun droit à exiger sous prétexte que l'institution financière est fermée au jour ouvrable.</p> <p><b><u>Article 8: Recevabilité d'une preuve d'un titre négociable impayé</u></b></p> <p>Un titre négociable non payé ou dont une copie est signée par un notaire est considéré comme une preuve devant une juridiction.</p> <p>Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas au chèque.</p> <p><b><u>Article 9: Titre négociable payé sous condition</u></b></p> <p>Un titre négociable payable sous condition ou qui dépend d'un événement incertain ne constitue pas un titre négociable.</p> <p><b><u>Article 10: Bénéficiaire d'un titre négociable</u></b></p> <p>Un titre négociable est payable soit à l'ordre, soit au porteur.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 11: Kwishyura inyandiko ishobora gucuruzwa ku bishyurwa benshi</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa ishobora kwishyurwa abishyurwa benshi bayifatanyije. Ishobora kandi kwishyurwa umwe cyangwa benshi mu bishyurwa.</p> <p>Buri wese mu bishyurwa ashyira umukono ku nyandiko ishobora gucuruzwa. icyakora, umuyobozi w'ikigo gifite ubuzima gatozi cyangwa uwahawe ububasha bwo guhagararira abandi ni bo bashyira umukono ku nyandiko ishobora gucuruzwa.</p>	<p><b><u>Article 11: Payment of a negotiable instrument to multiple payee</u></b></p> <p>A negotiable instrument may be made payable to multiple payees jointly. It may also be made payable to one or several of the payees.</p> <p>Each payee endorses the negotiable instrument. However, the manager of a legal entity or the person authorized to represent others are the endorsers of a negotiable instrument.</p>	<p><b><u>Article 11: Paiement d'un titre négociable à plusieurs bénéficiaires</u></b></p> <p>Un titre négociable peut être payable à plusieurs bénéficiaires conjointement. Il peut également être payable à un ou plusieurs des bénéficiaires.</p> <p>Chaque bénéficiaire endosse le titre négociable. Toutefois, l'administrateur d'une entité juridique ou la personne habilitée à représenter les autres sont les endosseurs d'un titre négociable.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12: Ibuzwa ry'iherekanya ry'inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yanditswemo amagambo abuzwa iherekanya igira agaciro hagati y'abavugwa muri iyo nyandiko ariko ntishobora gucuruzwa.</p>	<p><b><u>Article 12: Prohibiting endorsement of a negotiable instrument</u></b></p> <p>A negotiable instrument that contains words prohibiting endorsement, is valid between the parties thereto but is not negotiable.</p>	<p><b><u>Article 12: Interdiction de l'endossement d'un titre négociable</u></b></p> <p>Un titre négociable qui comporte une clause interdisant l'endossement est valable entre les parties concernées mais n'est pas négociable.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa uyitwaje</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa uyitwaje iyo byanditse ko ari ko yishyurwa cyangwa iyo mu iherekanya nta zina ry'uwishyurwa ryashyizweho.</p>	<p><b><u>Article 13: Negotiable instrument payable to bearer</u></b></p> <p>A negotiable instrument is payable to bearer where it is expressed to be so payable, or where the last endorsement is blank.</p>	<p><b><u>Article 13: Titre négociable payable au porteur</u></b></p> <p>Un titre négociable est payable au porteur lorsqu'il comporte une clause à cet effet ou lorsque le dernier endossement est en blanc.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Igaragazwa ry'uwishyurwa</b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa itishyurwa uyitwaje, uwishyurwa agaragazwa ku ruhande rw'imbere ku buryo budashidikanywaho.</p>	<p><b><u>Article 14:</u> Indication of payee</b></p> <p>If a negotiable instrument is not payable to bearer, the payee is indicated on the fore face with reasonable certainty.</p>	<p><b><u>Article 14:</u> Indication du bénéficiaire</b></p> <p>Lorsqu'un titre négociable n'est pas payable au porteur, le bénéficiaire est indiqué au recto avec une certitude raisonnable.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa igaragaza uwishyurwa</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yateganyijwe kwishyurwa umuntu yanditseho ntishobora gushyirwaho amagambo akumira ihererekanya.</p>	<p><b><u>Article 15:</u> Negotiable instrument payable to order</b></p> <p>A negotiable instrument payable to order cannot contain words prohibiting its endorsement.</p>	<p><b><u>Article 15:</u> Titre négociable payable à ordre</b></p> <p>Un titre négociable payable à l'ordre ne peut pas contenir une clause interdisant son endossement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa ari uko bibanje gusabwa</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa bibanje gusabwa iyo:</p> <p>1° bigaragajwe ko yishyurwa bisabwe, ibonywe cyangwa yerekanywe;</p> <p>2° igihe igomba kwishyurirwa kitagaragajwe.</p>	<p><b><u>Article 16:</u> Negotiable instrument paid on demand</b></p> <p>A negotiable instrument is payable on demand if:</p> <p>1° it is expressed to be payable on demand or at sight or on presentation;</p> <p>2° no time for payment is expressed.</p>	<p><b><u>Article 16:</u> Titre négociable payé sur demande</b></p> <p>Un titre negociable est payable sur demande lorsque :</p> <p>1° il est stipulé que ce titre est payable sur demande, à vue ou sur présentation;</p> <p>2° aucun délai de paiement n'est indiqué.</p>

<p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yatanzwe, ikemerwa cyangwa igahererekanywa igihe cyararenze, bifatwa nk'aho uwayitanze yari agamije ko yemerwa cyangwa ihererekanywa nk'iyishyurwa bibanje gusabwa.</p>	<p>If a negotiable instrument is issued and accepted or endorsed when overdue, it is regarded as if the issuer had intended for it to be accepted or endorsed as payable on demand.</p>	<p>Lorsqu'un titre négociable est émis et accepté ou endossé après échéance, il est considéré comme si son émetteur l'avait destiné à être accepté ou endossé comme payable sur demande.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa mu gihe kizwi</b></p>	<p><b><u>Article 17:</u> Negotiable instrument payable at a determined time</b></p>	<p><b><u>Article 17 :</u> Titre négociable payable à une échéance déterminée</b></p>
<p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa mu gihe kizwi yishyurwa:</p>	<p>A negotiable instrument payable at a determined time is payable:</p>	<p>Un titre négociable payable à une échéance déterminée est payable :</p>
<p>1° mu gihe cyagenwe nyuma y'itariki yari iteganyijwe kwishyurirwa;</p> <p>2° mu gihe cyangwa nyuma y'igihe cyagenwe kizaza cyangwa gishobora kugenwa cyayigaragajwemo;</p> <p>3° mu gihe cyagenwe kizaba hashingiwe ku kintu bigaragara ko kizaba nubwo igihe kizabera cyaba kitazwi neza.</p>	<p>1° at a fixed period after a determined date;</p> <p>2° on or after a fixed or determinable future time specified therein;</p> <p>3° at a fixed period after the occurrence of a specified event, which is certain to happen, though the time of happening is uncertain.</p>	<p>1° à un certain délai fixé après la date d'échéance;</p> <p>2° à ou après un moment future fixe ou déterminable qui y est spécifié;</p> <p>3° à une période déterminée après la survenance d'un événement spécifié et inévitable, même si le moment de survenance est incertain.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 18:</u> Negotiable instrument made in Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 18 :</u> Titre négociable émis au Rwanda</b></p>
<p>Inyandiko ishobora gucuruzwa iba ari inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe</p>	<p>A negotiable instrument is considered to be negotiable instrument made in Rwanda if it is both drawn and payable in Rwanda.</p>	<p>Un titre négociable est considéré comme un titre négociable émis au Rwanda lorsqu'il est émis et payable au Rwanda.</p>

<p>mu Rwanda iyo yatangiwe kandi ikaba igomba kwishyurirwa mu Rwanda.</p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa itagaragaza aho yakorewe cyangwa aho izishyurirwa, ikoreshwa nk'inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu mahanga</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yanditswe, yakozwe cyangwa igomba kwishyurwa mu buryo bunyuranyije n'ubuteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko ifatwa nk'inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu mahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Umubare w'amafaranga ugaragara neza</b></p> <p>Umubare w'amafaranga uri ku nyandiko ishobora gucuruzwa ugomba kugaragazwa neza, harimo inyungu zishobora gutangwa, ibyiciro byo kwishyura, inyungu z'ubukererwe n'uburyo bw'ivunjisha, iyo ari ngombwa.</p> <p>Uretse umubare w'amafaranga, ibindi bijya mu nyandiko ishobora gucuruzwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba sheki.</p>	<p>A negotiable instrument that does not indicate the place where it is drawn or payable is used as a negotiable instrument drawn in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Foreign negotiable instrument</b></p> <p>A negotiable instrument drawn, made or made payable contrary to provisions of Article 18 of this Law is considered as foreign negotiable instrument.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Specific amount of money</b></p> <p>An amount of money for which a negotiable instrument is shown must be clearly indicated, including possible interests, stated instalments, default interests and the rate of exchange if need be.</p> <p>Apart from the amount of money, other details to be mentioned on a negotiable instrument referred to in Paragraph One of this Article do not apply to a cheque.</p>	<p>Un titre négociable qui n'indique pas le lieu de son émission ou son lieu de paiement est considéré comme un titre négociable émis au Rwanda.</p> <p><b><u>Article 19 :</u> Titre négociable émis à l'étranger</b></p> <p>Un titre négociable tiré, fait ou rendu payable contrairement aux dispositions de l'article 18 de la présente loi est considéré comme un titre négociable émis à l'étranger.</p> <p><b><u>Article 20 :</u> Somme d'argent précise</b></p> <p>La somme d'argent figurant sur un titre négociable doit être précise, y compris les intérêts éventuels, les tranches de versement spécifiées, les intérêts de retard et le taux de change, le cas échéant.</p> <p>Excepté le montant d'argent, les autres mentions devant figurer sur un titre négociable visées au premier alinéa du présent article ne s'appliquent pas au chèque.</p>
--	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Kwandika umubare w'amafaranga mu nyuguti no mu mibare</b></p> <p>Mu nyandiko ishobora gucuruzwa, umubare w'amafaranga wandikwa mu nyuguti no mu mibare.</p> <p>Iyo mu nyandiko ishobora gucuruzwa, umubare w'amafaranga wanditse mu nyuguti udahuye n'uwanditse mu mibare, hishyurwa umubare w'amafaranga wanditse mu nyuguti.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Itariki nyakuri</b></p> <p>Itariki yanditse ku nyandiko ishobora gucuruzwa ifatwa nk'itariki nyakuri.</p> <p>Itariki nyakuri ni iy'igihe yakorewe, yemerewe cyangwa yahererekanyijwe, keretse igihe bigaragajwe ukundi.</p> <p>Mu buryo ubwo ari bwo bwose, inyandiko ishobora gucuruzwa ntishobora kurenza igihe yemerewe kumara kigenwa n'iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Igihe cyo kwihangana</b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa itishyurwa ari uko bisabwe n'uwishyurwa,</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Amount of money in words and figure</b></p> <p>On a negotiable instrument, the amount of money is expressed both in words and figures.</p> <p>If the amount of money for which the negotiable instrument is drawn is expressed differently in figures and words, the sum denoted by the words is the amount payable.</p> <p><b><u>Article 22:</u> True date</b></p> <p>A date written on a negotiable instrument is considered to be the true date.</p> <p>The true date is the date of the drawing, acceptance or endorsement, unless otherwise proved.</p> <p>In any case, a negotiable instrument cannot go beyond its due date as specified by this Law.</p> <p><b><u>Article 23:</u> Grace period</b></p> <p>Where a negotiable instrument is not payable on demand of the payee, the payee</p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Somme d'argent en lettres et en chiffres</b></p> <p>Sur un titre négociable, le montant d'argent est énoncé à la fois en lettres et en chiffres.</p> <p>Lorsque, dans un titre négociable, la somme d'argent à payer énoncée en lettres est différente de celle énoncée en chiffres, la somme à payer est celle qui est énoncée en lettres.</p> <p><b><u>Article 22 :</u> Date véritable</b></p> <p>La date mentionnée sur un titre négociable est réputée être la date véritable.</p> <p>La date véritable est la date d'émission, de l'acceptation ou de l'endorsement, sauf si le contraire est prouvé.</p> <p>Dans tous les cas, un titre négociable ne peut pas aller au-delà de sa date d'échéance telle que définie par la présente loi.</p> <p><b><u>Article 23 :</u> Délai de grâce</b></p> <p>Lorsqu'un titre négociable n'est pas payable sur demande du bénéficiaire, le</p>
--	---	--

<p>uwishyurwa ahabwa iminsi itatu (3) yo kwihangana, iyo nyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa ku muni wa nyuma w'iyi minsi yo kwihangana. Iyo umuni wa nyuma wo kwihangana ari umuni w'ikiruhuko rusange, wimurirwa ku muni ukurikiyeho w'akazi.</p> <p>Iminsi yo kwihangana ntabwo ireba sheki.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24: Uko habarwa umuni wa nyuma wo kwishyura inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Mu kubara iminsi yo kwishyura inyandiko ishobora gucuruzwa, umuni yatangiweho ntubarwa ariko umuni wo kwishyura urabarwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25: Igihe ntarengwa cyo kwishyura</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa mu kwezi cyangwa ku matariki yo mu mezi atandukanye, umuni wagenwe muri buri kwezi ni wo ufatwa nk'umuni wa nyuma. Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa ku muni wa nyuma wo kwishyura hiyongereyeho iminsi itatu (3) yo kwihangana keretse iyo byateganijwe ukundi.</p>	<p>is given a three (3) day grace period and the negotiable instrument is payable on the last day of grace. If the last day of grace falls on a public holiday, it is postponed to the following working day.</p> <p>The grace period does not apply to the cheque.</p> <p><b><u>Article 24: Computation of the last day of payment of a negotiable instrument</u></b></p> <p>In computation of days of payment of negotiable instruments, the day of issuance is not considered but the day of payment is considered.</p> <p><b><u>Article 25: Due date of payment</u></b></p> <p>Where a negotiable instrument is payable on a due date in a month or on dates of different months, the day determined in each month is considered as the last day. The negotiable instrument is payable on due date plus a three (3) day grace period unless provided otherwise.</p>	<p>bénéficiaire bénéficie à un délai de grâce de trois (3) jours et le titre est payable le dernier jour du délai de grâce. Lorsque le dernier jour du délai de grâce est un jour férié, il est reporté au jour ouvrable suivant.</p> <p>Le delai de grâce n'est pas applicable au chèque.</p> <p><b><u>Article 24 : Détermination de l'échéance de paiement d'un titre négociable</u></b></p> <p>Dans le calcul de l'échéance de paiement d'un titre négociable, le jour de l'émission n'est pas pris en considération mais le jour du paiement est considéré.</p> <p><b><u>Article 25 : Date d'échéance de paiement</u></b></p> <p>Lorsqu'un titre négociable est payable à une date d'échéance dans un mois ou à des dates de mois différents, le jour déterminé dans chaque mois est considéré comme la date d'échéance. Le titre négociable est payable à la date de l'échéance majorée de trois (3) jours de grâce sauf stipulation contraire.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 26: Ishingiro ry'inyardiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Inyardiko ishobora gucuruzwa iba ishingiye ku masezerano ataziguye, ku nshingano zisanzwe cyangwa ku mwenda ushingiyeye ku nshingano wishyurwa bisabwe cyangwa mu gihe cyagenwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Ufite inyardiko ishobora gucuruzwa ishingiye ku nyungu</u></b></p> <p>Uwitwaje inyardiko ishobora gucuruzwa afatwa nk'uwayitanzeho ikintu gifite agaciro imbere ya nyir'inyardiko cyangwa uwayihererekanyije.</p> <p>Iyo uwitwaje inyardiko ishobora gucuruzwa yayihawe ingwate ituruka ku masezerano afatwa nk'aho ayifite hagamijwe inyungu ariko zigarukira ku gaciro mu mafaranga k'iyi ngwate.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Ufite inyardiko ishobora gucuruzwa wujuje ibisabwa</u></b></p> <p>Afatwa nk'aho afite inyardiko mu buryo bugaragara kandi bwujuje ibisabwa, uwahawe inyardiko ishobora gucuruzwa bigaragara ko idafite inenge iyo:</p>	<p><b><u>Article 26: Basis for a negotiable instrument</u></b></p> <p>A negotiable instrument is based on a direct contract, a simple obligation or a debt based on an obligation payable on demand or in a determined period.</p> <p><b><u>Article 27: Holder of a negotiable instrument for value</u></b></p> <p>A bearer of a negotiable instrument is considered to be a holder for value with regard to the drawer or endorser.</p> <p>Where any bearer of a negotiable instrument has a lien on it arising from a contract, he or she is considered to be its holder for value but to the extent of the amount of such a lien.</p> <p><b><u>Article 28: Holder of a negotiable instrument in due course</u></b></p> <p>A bearer is considered to be a holder in due course who has received a negotiable instrument, complete and regular on face if:</p>	<p><b><u>Article 26 : Base d'un titre négociable</u></b></p> <p>Un titre négociable porte sur un contrat direct, une obligation simple ou sur une dette fondée sur une obligation de payer sur demande ou à terme.</p> <p><b><u>Article 27 : Détenteur d'un titre négociable à titre onéreux</u></b></p> <p>Un porteur d'un titre négociable est réputé détenteur à titre onéreux à l'égard du tireur ou de l'endorseur.</p> <p>Le porteur d'un titre négociable ayant sur celui-ci un droit de gage qui découle d'un contrat est réputé en être détenteur à titre onéreux à concurrence de la somme pour laquelle il détient ce droit de gage.</p> <p><b><u>Article 28 : Détenteur régulier d'un titre négociable</u></b></p> <p>Est réputé détenteur régulier celui qui a reçu un titre négociable, manifestement complet et régulier, lorsque :</p>
--	---	--



<p>1° yayishyikirijwe mbere y’uko igeza igihe cyo kwishyurwa kandi akaba atarigeze ahabwa integuza imumenyeshya ko yahakanywe cyangwa yangiwe kwishyurwa;</p> <p>2° yabonye inyandiko ishobora gucuruzwa nta buriganya kandi akayihabwa atanze ingurane ifite agaciro kandi igihe yayihabwaga hakaba nta cyagaragazaga ko iyo nyandiko ifite inenge ku ruhande rw’uwayimuhaye.</p>	<p>1° he or she became the holder of it before the due date and without notice of a refusal of acceptance or refusal of payment;</p> <p>2° he or she received the negotiable instrument in good faith and for value and that at the time of its negotiation, he or she had no notice of any defect with regard to the endorser.</p>	<p>1° il en est devenu détenteur avant son échéance et sans avoir été avisé d’un refus d’acceptation ou de paiement;</p> <p>2° il a reçu le titre négociable de bonne foi et à titre onéreux et que, à la date de la négociation, il n’avait été avisé d’aucun vice affectant le titre négociable de la part de l’endorseur.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Inenge y’inyandiko ishobora gucuruzwa</b></p>	<p><b><u>Article 29:</u> Defective negotiable instrument</b></p>	<p><b><u>Article 29 :</u> Vice de titre négociable</b></p>
<p>Inyandiko ishobora gucuruzwa ifatwa nk’ifite inenge, iyo yatanzwe cyangwa yemewe mu buryo burimo uburiganya, agahato cyangwa byashingiye ku yindi mpamvu itemewe n’amategeko.</p>	<p>A negotiable instrument is considered to be a defective negotiable instrument where obtaining it or acceptance thereof was characterised by fraud, duress or based on other unlawful means.</p>	<p>Un titre négociable est réputé titre négociable entaché de vice lorsqu’il a été obtenu ou accepté frauduleusement, par contrainte ou par d’autres moyens illégaux.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Uburenganzira bw’ufite inyandiko ishobora gucuruzwa atari we yanditseho</b></p>	<p><b><u>Article 30:</u> Rights of a holder of a negotiable instrument whose name is not mentioned</b></p>	<p><b><u>Article 30 :</u> Droits du détenteur d’un titre négociable qui n’indique pas son nom</b></p>
<p>Ufite inyandiko ishobora gucuruzwa yarayibonye ku mpamvu zigamije cyangwa zitagamije inyungu, ariko akaba yarayihawe n’uwari uyifite utarangwaho uburiganya cyangwa impamvu igenwa n’itegeko yaburizamo itunga ry’iyo</p>	<p>A holder, whether for value or not, who received his or her negotiable instrument from a bearer in due course who is not characterised by fraud or illegality affecting its ownership, may claim for payment by one or all who accepted the</p>	<p>Un détenteur d’un titre négociable à titre onéreux ou non, qui l’a obtenu d’un porteur qui n’a usé d’aucune fraude ou d’aucune illégalité entachant son acquisition, peut réclamer le paiement à celui qui l’a accepté ou à tous ceux qui l’ont accepté lorsqu’il</p>

<p>nyandiko, ashobora gusaba ko yishyurwa n'uwayemeye cyangwa n'abandi bose bayemeye bafite aho bahuriye n'iyonyandiko ishobora gucuruzwa bigaragara ko bayiherekanyije mbere y'uware uyifite wujuje ibisabwa.</p>	<p>negotiable instrument of whom it is evident that they endorsed it to each other prior to that holder who fulfils the conditions.</p>	<p>est établi qu'ils l'ont accepté antérieurement au porteur régulier.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa ifatwa nk'ikimenyetso gishingiye ku nyungu</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Negotiable instrument presumed for value</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Titre négociable présumé à titre onéreux</b></p>
<p>Umuntu wese washyize umukono ku nyandiko ishobora gucuruzwa afatwa nk'uwahawe inyandiko ishobora gucuruzwa ku mpamvu zigamije inyungu, iyo nta kindi kimenyetso kibivuguruzwa.</p>	<p>Any person whose signature appears on a negotiable instrument is considered to have become a party thereto for value, in the absence of evidence to the contrary.</p>	<p>Toute personne ayant signé le titre négociable est réputé détenteur d'un titre négociable à titre onéreux en l'absence de preuve contraire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Ugomba kugaragaza ibimenyetso iyo habayeho uburyozwe</b></p>	<p><b><u>Article 32:</u> Burden of proof in case of liability</b></p>	<p><b><u>Article 32:</u> Charge de la preuve en cas de responsabilité</b></p>
<p>Umuntu ufite inyandiko ishobora gucuruzwa afatwa nkaho ari nyirayo iyo nta kimenyetso kibivuguruzwa.</p>	<p>A holder of a negotiable instrument is considered to be a holder in due course in the absence of evidence to the contrary.</p>	<p>Le détenteur d'un titre négociable est réputé en être le détenteur régulier, en l'absence de preuve contraire.</p>
<p>Icyakora, iyo hagaragajwe mu kirego kirebana no kwemera, gutanga cyangwa gucuruzwa byakurikiyeho, ko byaranzwe n'uburiganya cyangwa agahato cyangwa indi nenge iteganywa n'itegeko, ufite inyandiko ni we usabwa ibimenyetso keretse yerekanye ko uwahawe inyandiko mbere ye yabikoze nta buriganya cyangwa indi nenge ishingiyeye ku mategeko.</p>	<p>However, if, in an action for acceptance, issue or subsequent negotiation of the negotiable instrument was characterised by fraud, duress or other illegality, the burden of proof lies with the holder unless he or she proves that the negotiable instrument was received from the prior bearer in good faith or legality.</p>	<p>Toutefois, s'il est établi, en cours d'une action en acceptation, émission ou négociation subséquente du titre négociable qu'il est entaché de fraude ou de contrainte, ou de toute illégalité, la charge de la preuve incombe au détenteur à moins de prouver que le porteur antérieur a agi de bonne foi et dans la légalité.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 33: Gucuruza inyandiko ishobora gucuruzwa hifashishijwe kuyihererekanya</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa iba icurujwe iyo ihererekanyijwe ku buryo uyihawe ayigiraho uburenganzira.</p>	<p><b><u>Article 33: Negotiation of a negotiable instrument by endorsement</u></b></p> <p>A negotiable instrument is negotiated when it is endorsed in such a manner that the holder has the rights thereto.</p>	<p><b><u>Article 33: Négociation d'un titre négociable par endossement</u></b></p> <p>Un titre négociable est négocié lorsque son endossement confère à l'endossataire des droits y relatifs.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 34: Gucuruza inyandiko ishobora gucuruzwa hifashishijwe ishyikirizwa</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa uyitwaje icuruzwa hifashishijwe kuyishyikiriza uwishyura.</p>	<p><b><u>Article 34: Negotiation of a negotiable instrument by delivery</u></b></p> <p>A negotiable instrument payable to bearer is negotiated by delivery to payer.</p>	<p><b><u>Article 34: Négociation d'un titre négociable par livraison</u></b></p> <p>Un titre négociable payable au porteur se négocie par livraison au payeur.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 35: Gucuruza inyandiko ishobora gucuruzwa ifite uwo yanditseho</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa ifite uwo yanditseho icuruzwa yeguriwe uwo yanditseho.</p>	<p><b><u>Article 35: Negotiation of a negotiable instrument payable to order</u></b></p> <p>A negotiable instrument payable to order is negotiated by endorsement.</p>	<p><b><u>Article 35: Négociation d'un titre négociable payable à ordre</u></b></p> <p>Un titre payable à ordre se négocie par endossement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 36: Agaciro inyandiko ishobora gucuruzwa ihererekanywaho</u></b></p> <p>Guherekanya inyandiko ishobora gucuruzwa bigomba gukorerwa ku gaciro kose k'iyonyandiko. Kutabyubahiriza bituma inyandiko ishobora gucuruzwa idashobora gucuruzwa.</p>	<p><b><u>Article 36: Value for which a negotiable instrument is endorsed</u></b></p> <p>An endorsement of negotiable instrument is carried out on the entire value of the negotiable instrument. Non-compliance of this requirement renders the negotiable instrument non-negotiable.</p>	<p><b><u>Article 36 : Valeur à laquelle un titre négociable est endossé</u></b></p> <p>L'endossement du titre négociable est fait pour la valeur totale du titre négociable. Le défaut de se conformer à cette condition rend le titre négociable non négociable.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 37:</u> Umugereka cyangwa kopi z'inyandiko ishobora gucuruzwa</b></p> <p>Guhererekanya inyandiko ishobora gucuruzwa bishobora gukorwa ku mugereka cyangwa kuri kopi y'inyandiko ishobora gucuruzwa kandi bigira agaciro nk'iyoy byakorewe ku nyandiko ishobora gucuruzwa y'umwimerere.</p> <p>Icyakora, mu gihe ihererekanya rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ryakorewe mu mahanga, rigira agaciro iyo icyo gihugu byakorewemo kibyemera.</p> <p><b><u>Ingingo ya 38:</u> Uko abahererekanyije inyandiko ishobora gucuruzwa bakurikirana</b></p> <p>Iyo guhererekanya inyandiko ishobora gucuruzwa byakorewe abantu benshi, uburenganzira bwa buri wese bugenwa hakurikijwe uburyo bakurikirana mu nyandiko ishobora gucuruzwa keretse iyo hatanzwe ikindi kimenyetso kibivuguruzwa.</p>	<p><b><u>Article 37:</u> Allonge or copy of a negotiable instrument</b></p> <p>An endorsement may be done on allonge or copy of a negotiable instrument and it is considered to be written on the original negotiable instrument itself.</p> <p>However, when the endorsement referred to in Paragraph One of this Article is made outside Rwanda, it is valid only if recognised by the country where an endorsement is done.</p> <p><b><u>Article 38:</u> Order of endorsees</b></p> <p>Where there are many endorsees on a negotiable instrument, the rights of each endorsee are determined in the order in which he or she appears on the negotiable instrument until the contrary is proved.</p>	<p><b><u>Article 37 :</u> Allonge ou copie du titre négociable</b></p> <p>L'endorsement peut se faire sur une allonge ou sur une copie d'un titre négociable et il est réputé fait sur le titre négociable original lui-même.</p> <p>Toutefois, lorsque l'endorsement visé à l'alinéa premier du présent article est fait à l'étranger, il n'est valable que s'il est reconnu par le pays où il a été fait.</p> <p><b><u>Article 38 :</u> Ordre des endossataires</b></p> <p>En cas de plusieurs endossataires d'un titre négociable, les droits de chacun d'eux sont déterminés selon l'ordre où ils figurent sur le titre négociable, sauf preuve du contraire.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 39:</u> Uburyo guhererekanya inyandiko ishobora gucuruzwa bikorwa</b></p> <p>Guhererekanya inyandiko ishobora gucuruzwa bishobora gukorwa hagaragazwa cyangwa hatagaragazwa uyeguriwe.</p> <p>Iyo izina ry’uwayeguriwe ritagaragajwe, bifatwa nk’aho inyandiko igomba kwishyurwa uyitwaje wese.</p> <p>Iyo hagaragajwe izina ry’uwayeguriwe bwa nyuma ni we wenyine ugomba kwishyurwa.</p>	<p><b><u>Article 39:</u> Mode of indorsement of a negotiable instrument</b></p> <p>An endorsement of a negotiable instrument may be done by indicating the indorsee or not.</p> <p>If no name is indicated, it is considered as if the negotiable instrument is payable to any bearer.</p> <p>If the name of the last endorsee is indicated, he or she is the only person to be paid.</p>	<p><b><u>Article 39 :</u> Mode d’endossement d’un titre négociable</b></p> <p>L’endossement d’un titre négociable peut être fait en designant ou non l’endossataire.</p> <p>Lorsque l’endossement ne désigne pas l’endossataire, le titre est présumé payable à tout porteur.</p> <p>Lorsque l’endossement désigne le dernier endossataire, c’est lui à qui ou à l’ordre de qui le titre est payable.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 40:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa itanganywe amabwiriza</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa itanganywe amabwiriza abuza icuruzwa ryayo cyangwa irindi hererekanya, hakoreshejwe amagambo, arimo “musabwe kwishyura ..... wenyine”, “musabwe kwishyura ..... mu izina rya .....”, “musabwe kwishyura ..... cyangwa uwo yanditseho uje kwishyura”.</p> <p>Ihererekanya rikozwe mu buryo butanga amabwiriza riha uweguriwe inyandiko ishobora gucuruzwa uburenganzira bwo kwishyurwa no gukurikirana uwo ari we wese uwamweguriye inyandiko</p>	<p><b><u>Article 40:</u> Restrictive endorsement</b></p> <p>A negotiable instrument is restrictively endorsed by using the words, including “Pay ... only”, or “Pay ... for the account of ...”, or “Pay ..., or order, for collection”.</p> <p>A restrictive endorsement gives the endorsee the right to receive payment of the bill and to sue any party that his or her endorser could have sued, but gives him or her no power to transfer his or her rights as</p>	<p><b><u>Article 40 :</u> Endossement restrictif</b></p> <p>Un titre négociable est restrictivement endossé en utilisant les mentions, y compris “Payez à .... seulement”, “Payez à .... pour le compte de .... ” ou “Payez à .... ou à son ordre pour recouvrement”.</p> <p>L’endossement restrictif donne à l’endossataire le droit d’être payé et de poursuivre toute partie que l’endosseur lui-même pourrait poursuivre, mais il ne lui donne pas le pouvoir de transférer ses</p>

<p>yashoboraga gukurikirana, ariko nta bubasha rimuha bwo kwegurira undi uburenganzira bwe nk'ubayeguriwe keretse inyandiko ibimwemerera mu buryo busobanuye neza.</p>	<p>endorsee unless the negotiable instrument expressly authorises him or her to do so.</p>	<p>droits en tant qu'endossataire à moins que cela lui soit expressément autorisé par le titre négociable.</p>
<p>Iyo ihererekanya rikozwe mu buryo butanga amabwiriza ryemera ko uhawe inyandiko ishobora gucuruzwa na we yayihererekanya n'undi muntu, abayeguriwe nyuma bose baba bafite uburenganzira n'inshingano bimwe n'iby'ubayeguriwe bwa mbere hagendewe kuri iryo hererekanya rikozwe mu buryo butanga amabwiriza.</p>	<p>If a restrictive endorsement authorises further transfer, all subsequent endorsees take the bill with the same rights and subject to the same liabilities as the first endorsee under the restrictive endorsement.</p>	<p>Lorsque l'endossement restrictif autorise un transfert subséquent, tous les endossataires subséquents prennent le titre négociable avec les mêmes droits et obligations que le premier endossataire de l'endossement restrictif.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Inyandiko ishobora gucuruzwa irengeje igihe cyo kwishyurwa</b></p>	<p><b><u>Article 41:</u> Overdue negotiable instrument</b></p>	<p><b><u>Article 41 :</u> Titre négociable après échéance</b></p>
<p>Inyandiko ishobora gucuruzwa, icuruzwa itararenza igihe cyo kwishyurwa. icyakora, icuruzwa ry'inyandiko irengeje igihe cyo kwishyurwa rishoboka mu bindi bihe no ku mpamvu biteganywa n'iri tegeko. Muri ibyo bihe, uwishyurwa ntashobora kuyegurira undi cyangwa kuyihererekanya arengeje uburenganzira imwemerera.</p>	<p>A negotiable instrument is negotiated before it is overdue. However, the negotiation of an overdue negotiable instrument is subject to such other circumstances and reasons as provided for by this Law. In that case, the payee can neither transfer nor endorse it with more rights than those attached thereto.</p>	<p>Un titre négociable se négocie avant son échéance. Toutefois, la négociation d'un titre négociable après échéance est subordonnée aux autres circonstances et raisons telles que prévues par la présente loi. Dans ce cas, le bénéficiaire ne peut ni le céder ni l'endosser avec plus de droits que ceux y attachés.</p>
<p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yishyurwa ari uko bisabwe ifatwa nk'aho igeze igihe cyo kwishyurwa igihe ikiri mu maboko y'abayeguriwe igihe cyararenze kandi</p>	<p>A negotiable instrument payable on demand is considered to be due when it is still in circulation while overdue and where</p>	<p>Un titre négociable payable sur demande est considéré comme étant payable aussi longtemps qu'il est en circulation alors que l'échéance est passée et que le</p>

<p>kurenza itariki bishobora gufatwa nk'igikorwa cyumvikana kandi cyakwihanganirwa.</p>	<p>exceeding the date can be reasonably justified.</p>	<p>dépassement de la date peut être raisonnablement justifié.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 42:</u> Uburenganzira n'ububasha by'uwitwaje inyandiko ishobora gucuruzwa</b></p>	<p><b><u>Article 42:</u> Rights and powers of a bearer of negotiable instrument</b></p>	<p><b><u>Article 42 :</u> Droits et pouvoirs du porteur d'un titre négociable</b></p>
<p>Uburenganzira n'ububasha by'uwitwaje inyandiko ishobora gucuruzwa ni ibi bikurikira:</p>	<p>The rights and powers of the bearer of a negotiable instrument are the following:</p>	<p>Les droits et pouvoirs du porteur d'un titre négociable sont les suivants :</p>
<p>1° uwitwaje inyandiko ishobora gucuruzwa ashobora gutanga mu izina rye ikirego gishingiye ku nyandiko yahawe;</p>	<p>1° a bearer may file a case related to the negotiable instrument in court in his or her own name;</p>	<p>1° le porteur peut intenter en son nom propre une action en justice fondée sur le titre négociable qu'il détient;</p>
<p>2° uwitwaje inyandiko yujuje ibisabwa ntashobora gukurikiranwa kubera inenge zikomoka ku bahererekanyije inyandiko cyangwa se ngo ahamagazwe mu birego byo kwiregura hagati y'abahererekanyije inyandiko mbere. icyakora, ashobora gusaba kwishyurwa n'abarebwa n'inyandiko ishobora gucuruzwa;</p>	<p>2° a bearer in due course may not incur any liability for any defect of instrument of prior endorsers or be summoned to appear with regard to personal defenses among prior endorsers themselves. However, he or she may enforce payment against all parties to the negotiable instrument;</p>	<p>2° le porteur d'un titre négociable régulier n'est pas responsable des vices entachant le titre occasionnés par les endosseurs ou être appelé en intervention forcée engagée par les endosseurs antérieurs dans le cadre de leurs défenses personnelles. Toutefois, il peut exiger le paiement de toutes les parties obligées par le titre négociable ;</p>
<p>3° gucuruzwa inyandiko ifite inenge byakozwe n'undi wari uwitwaje mbere ariko yujuje ibisabwa, biha uburenganzira busesuye kandi bwuzuye uwitwaje;</p>	<p>3° negotiation of a defective negotiable instrument made by a prior bearer to a bearer in due course allows the endorsee to obtain a good and complete title to the negotiable instrument;</p>	<p>3° la négociation d'un titre négociable entaché d'un vice par un porteur antérieur mais régulier confère à l'endossataire les pleins droits sur le titre négociable;</p>

<p>4° ubwishyu bw'inyandiko ishobora gucuruzwa bukozwe mu gihe cyagenwe bugira agaciro nubwo inyandiko yaba ifite inenge.</p> <p><b><u>Ingingo ya 43</u> : Kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa kugira ngo yishyurwe</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa igomba kwerekana mu buryo bwemewe kugira ngo yishyurwe. Iyo iterekanywe gutyo, uwayitanze cyangwa abayiherekanyije ntacyo babazwa.</p> <p>Kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe bikorwa n'uyitwaje cyangwa uwo yahaye uburenganzira bwo kwakira ubwishyu mu izina rye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 44</u>: Ahantu hemewe kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa</b></p> <p>Ahantu hemewe ko ari ho inyandiko ishobora gucuruzwa yakwerekana kugira ngo yishyurwe hashobora kuba:</p> <p>1° ahateganyijwe hagaragajwe mu nyandiko ishobora gucuruzwa cyangwa aho inyandiko yemerejwe;</p>	<p>4° payment of a negotiable instrument effected in due course remains valid even when the instrument is defective.</p> <p><b><u>Article 43</u>: Presentation of the negotiable instrument for payment</b></p> <p>A negotiable instrument is duly presented for payment. If not so presented, the drawer or endorsers is discharged.</p> <p>Presentation of a negotiable instrument for payment is made upon its exhibition to the payer by the bearer or a person authorised by the bearer to receive payment on his or her behalf.</p> <p><b><u>Article 44</u>: Place authorised for presentation of a negotiable instrument</b></p> <p>The place authorised for presentation of a negotiable instrument for payment may be:</p> <p>1° the place of payment specified on the negotiable instrument or the place of acceptance;</p>	<p>4° le paiement d'un titre négociable effectué dans les délais est valable même si le titre est entaché de vice.</p> <p><b><u>Article 43</u> : Présentation d'un titre négociable pour paiement</b></p> <p>Le titre négociable doit être présenté en bonne et due forme pour être payé. Le défaut de cette présentation libère le tireur et les endosseurs.</p> <p>La présentation d'un titre négociable pour paiement est faite au payeur par le porteur ou par une personne autorisée par le porteur pour recevoir le paiement en son nom.</p> <p><b><u>Article 44</u> : Lieu autorisé de présentation du titre négociable</b></p> <p>Le lieu autorisé pour la présentation d'un titre négociable pour paiement peut être :</p> <p>1° le lieu de paiement spécifié sur le titre négociable ou le lieu d'acceptation;</p>
--	---	--



<p>2° aho uwohererejwe inyandiko yishyura cyangwa uwemera inyandiko ishobora gucuruzwa abarizwa, handitse ku nyandiko, iyo aho inyandiko yishyurirwa cyangwa yemererwa hatagaragajwe;</p> <p>3° ahantu aho ariho hose uwohererejwe inyandiko yishyura cyangwa uwemera inyandiko ari, aho yatuye bwa nyuma cyangwa abarizwa hazwi.</p>	<p>2° the address of the drawee or acceptor specified in the negotiable instrument if no place of payment or acceptance is specified;</p> <p>3° any place of residence of the drawee or acceptor, his or her last place of residence or his or her known address.</p>	<p>2° l'adresse du tiré ou de l'accepteur indiquée sur le titre négociable, lorsque le lieu de paiement ou d'acceptation n'a pas été spécifié;</p> <p>3° tout lieu où se trouve le tiré ou l'accepteur, ou sa dernière résidence ou adresse connue.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 45: Kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe igihe cyararenze</u></b></p> <p>Usabira inyandiko ishobora gucuruzwa kwishyurwa ntashobora kuryozwa ubukererwe bwaturutse ku mpamvu itunguranye kandi ntarengwa y'uwitwaje inyandiko. icyakora, bigomba kugaragazwa ko ubukererwe butakomotse ku ikosa, imyitwarire mibi cyangwa uburangare by'uwitwaje inyandiko.</p> <p>Iyo impamvu yateye ubukererwe ivuyeho, kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe bikorwa mu bushishozi buhagije.</p>	<p><b><u>Article 45: Late presentation of a negotiable instrument for payment</u></b></p> <p>A person who claims payment of a negotiable instrument cannot be held liable for any delay caused by an unforeseeable event or event of force majeure against the bearer. However, it must be proved that the delay is not imputable to default, misconduct or negligence of the bearer.</p> <p>When the cause of delay ceases to operate, presentation of a negotiable instrument for payment is made with reasonable diligence.</p>	<p><b><u>Article 45 : Présentation tardive d'un titre négociable pour paiement</u></b></p> <p>Une personne qui réclame le paiement d'un titre négociable ne peut être tenu responsable du retard de paiement dû au cas fortuit ou de force majeure survenu au porteur du titre. Toutefois, il doit être prouvé que ce retard n'est pas dû au vice, au manquement ou à la négligence du porteur.</p> <p>Lorsque la cause du retard a disparu, la présentation d'un titre négociable pour paiement se fait avec diligence raisonnable.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 46: Igihe kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa bivanwaho</u></b></p>	<p><b><u>Article 46: Instances where presentation of a negotiable instrument is waived</u></b></p>	<p><b><u>Article 46 : Cas de dispense de présentation d'un titre négociable</u></b></p>
<p>Kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe bivanwaho iyo:</p> <p>1° gusabira inyandiko kwishyurwa nk'uko byateganyijwe mu nyandiko ishobora gucuruzwa bidashoboka;</p> <p>2° uwishyura atigeze abaho;</p> <p>3° bigaragaye ko inshingano z'uwishyura cyangwa uwemera inyandiko ishobora gucuruzwa zitakiriho, kandi hakaba nta mpamvu n'imwe yatuma nyir'inyandiko akeka ko inyandiko yatanze izishyurwa niyerekanwa;</p> <p>4° ku bijyanye n'uwahererekanyije inyandiko, iyo bizwi ko inyandiko yakozwe cyangwa yemewe ariko nta bwishyu bamugomba, kandi hakaba nta mpamvu n'imwe yatuma nyir'inyandiko akeka ko inyandiko yakwishyurwa;</p>	<p>Presentation of a negotiable instrument for payment is waived if:</p> <p>1° requesting for payment of the instrument as indicated on the negotiable instrument cannot be effected;</p> <p>2° the payer is fictitious;</p> <p>3° it is proved that the payer or acceptor is no longer bound to pay the negotiable instrument and that the drawer has no reason to believe that the instrument would be paid if presented;</p> <p>4° with respect to an endorser, if it is known that the instrument was made or accepted for the accommodation of that endorser and the drawer has no reason to believe that the instrument would be paid;</p>	<p>Il y a dispense de présentation d'un titre négociable au paiement lorsque :</p> <p>1° la demande de présentation du titre négociable pour paiement telle qu'elle est prévue sur le titre n'est pas possible;</p> <p>2° le payeur est fictif;</p> <p>3° s'il est établi que les obligations du payeur ou de l'accepteur du titre ont disparu et qu'il n'y a pas de raison à ce que le tireur s'attende au paiement du titre négociable à sa présentation;</p> <p>4° en ce qui concerne un endosseur, s'il est reconnu que le titre a été accepté ou fait par complaisance pour lui et qu'il n'y a pas de raison à ce que le tireur s'attende au paiement du titre;</p>

<p>5° habayeho kureka kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe bikoze n'uyitwaje;</p> <p>6° ku bijyanye na sheki, ikigo cy'imari kigomba kwishyura cyahombye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 47: Kutagaragaza ahantu ibyandiko ishobora gucuruzwa yateganyirijwe kwishyurirwa</u></b></p> <p>Iyo mu nyandiko ishobora gucuruzwa nta hantu hagaragajwe ko ariho hazabera ubwishyu cyangwa izemererwa, kwerekana inyandiko ngo yemerwe ntibiba bikiri ngombwa kugira ngo uwemera arangize inshingano ze.</p> <p><b><u>Ingingo ya 48 : Inyandiko ishobora gucuruzwa yateganyirijwe aho kwishyurirwa</u></b></p> <p>Iyo ahantu inyandiko ishobora gucuruzwa izishyurirwa cyangwa izemererwa hagaragajwe neza, uwemera inyandiko ntashobora kwitwaza ko inyandiko itasabiwe kwemerwa kugira ngo yange inshingano ze keretse iyo byateganyijwe ukundi.</p>	<p>5° there is a waiver of presentation of a negotiable instrument by the bearer;</p> <p>6° regarding the cheque, the financial institution which is bound to payment becomes insolvent.</p> <p><b><u>Article 47: Absence of specified place for payment of a negotiable instrument</u></b></p> <p>If the place of presentation for payment or acceptance is not specified in the negotiable instrument, the presentation for acceptance is not necessary in order to render the acceptor liable.</p> <p><b><u>Article 48: Negotiable instrument which specifies place of payment</u></b></p> <p>If a place of payment or acceptance is clearly specified, the acceptor cannot invoke the fact that the negotiable instrument was not presented for acceptance in order to disregard his or her obligations unless otherwise stipulated.</p>	<p>5° il y a renonciation de la présentation du titre négociable par le porteur;</p> <p>6° pour les chèques, l'institution financière qui doit payer est en faillite.</p> <p><b><u>Article 47 : Absence d'indication du lieu de paiement d'un titre négociable</u></b></p> <p>Lorsque le lieu de présentation du titre négociable pour paiement ou acceptation n'est pas indiqué sur le titre, la présentation pour acceptation n'est pas nécessaire pour obliger l'accepteur.</p> <p><b><u>Article 48 : Titre négociable qui indique le lieu de paiement</u></b></p> <p>Lorsque le lieu de paiement ou d'acceptation est clairement indiqué, l'accepteur du titre négociable ne peut pas invoquer le défaut de présentation pour acceptation pour se libérer de ses obligations sauf stipulation contraire.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 49</u> : Gutanga inyandiko ishobora gucuruzwa nyuma yo kwishyurwa</b></p> <p>Nyuma yo kwishyurwa, uwitwaje inyandiko ishobora gucuruzwa ayisigira uwishyuye.</p>	<p><b><u>Article 49</u>: Delivery of a negotiable instrument after payment</b></p> <p>When a negotiable instrument is paid, the bearer delivers it to the payer.</p>	<p><b><u>Article 49</u> : Remise du titre négociable après paiement</b></p> <p>Après paiement, le porteur remet le titre négociable au payeur.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 50</u>: Guta agaciro kw'inyandiko ishobora gucuruzwa yangiwe kwishyurwa</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa ita agaciro kubera ko yangiwe kwishyurwa iyo:</p> <p>1° yasabiwe kwishyurwa mu buryo bwemewe ariko ntiyishyurwe;</p> <p>2° yarengaje itariki ya ngombwa kandi itishyuwe.</p> <p>Iyo inyandiko yateshejwe agaciro n'uko itishyuwe, uyitwaje ashobora gukurikirana nyir'inyandiko, uwayemeye cyangwa abayiherekanyije.</p>	<p><b><u>Article 50</u>: Negotiable instrument dishonoured by non-payment</b></p> <p>A negotiable instrument is dishonoured by non- payment if:</p> <p>1° it is duly presented for payment but the payment is refused;</p> <p>2° the negotiable instrument is overdue and unpaid.</p> <p>Where an instrument is dishonoured by non-payment, the bearer may pursue the drawer, acceptor and endorsers.</p>	<p><b><u>Article 50</u> : Invalidité d'un titre négociable par refus de paiement</b></p> <p>Il y a refus de paiement d'un titre négociable lorsque :</p> <p>1° une présentation pour paiement a été faite en bonne et due forme, mais le paiement a été refusé;</p> <p>2° la date d'échéance est déjà dépassée et il n'a pas été payé.</p> <p>Lorsque le titre n'est pas valable pour défaut de paiement, le porteur peut poursuivre le tireur, l'accepteur ou les endosseurs.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 51</u>: Imenyekanisha ry'uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe</b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa itaye agaciro kubera kutemerwa cyangwa kutishyurwa, bimenyeshwa nyir'inyandiko</p>	<p><b><u>Article 51</u>: Notice of dishonour of a negotiable instrument</b></p> <p>When a negotiable instrument is dishonoured by non-acceptance or by non-payment, notice of dishonour is given to</p>	<p><b><u>Article 51</u> : Notification de refus d'un titre négociable</b></p> <p>Lorsque le titre négociable n'est pas valable pour défaut d'acceptation ou de paiement, le tireur ou l'endosseur doit en</p>

<p>cyangwa uwayeguriye undi mu ihererekanya. Nyir'inyandiko cyangwa uwayeguriye undi utabimenyeshejwe ntacyo aryoze.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Ibisabwa kugira ngo imenyekanisha ry'uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe rigire agaciro</b></p> <p>Imenyekanisha ry'uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe rigira agaciro iyo ryakozwe:</p> <p>1° bitarenze umunsi umwe (1) w'akazi ukurikiraho;</p> <p>2° n'uwitwaje inyandiko cyangwa ubikoze mu izina rye, n'uwayihererekanyije n'undi muntu cyangwa uwabikoze mu izina rye kandi bikaba bigaragaza neza uburyozwe bwe kuri iyo nyandiko igihe yayitangaga;</p> <p>3° n'ushobora kumuhagararira, iyo ahari cyangwa ashobora kuboneka, mu gihe nyir'inyandiko cyangwa uwayihererekanyije yapfuye;</p> <p>4° n'umwe muri ba nyir'inyandiko cyangwa abayiherekanyije iyo ari benshi, ariko badahuriye ku</p>	<p>the drawer or the endorser. The drawer or the endorser to whom the notice is not given is not held liable.</p> <p><b><u>Article 52:</u> Requirements for validity of notice of dishonour of a negotiable instrument</b></p> <p>Notice of dishonouring a negotiable instrument is valid if done:</p> <p>1° not later than the following working day;</p> <p>2° by the bearer or his or her proxy, by the endorser or his or her proxy, and clearly indicating his or her liability at the time of endorsing the instrument;</p> <p>3° by a potential proxy, if there is or where he or she can be found, in the case of death of the drawer or endorser;</p> <p>4° by one of the drawers or endorsers, if there are several but are not partners in business, unless one of</p>	<p>être avisé. A défaut de notification, le tireur ou l'endosseur n'est pas responsable.</p> <p><b><u>Article 52 :</u> Conditions de validité de notification de refus d'un titre négociable</b></p> <p>La notification de refus du titre négociable est valable lorsqu'elle est faite :</p> <p>1° au plus tard le premier jour ouvrable qui suit;</p> <p>2° par le porteur ou son représentant, par un endosseur ou son représentant, tout en spécifiant sa responsabilité au moment de l'endossement;</p> <p>3° par son représentant potentiel, s'il y en a un ou si on peut le trouver, en cas de décès du tireur ou de l'endosseur;</p> <p>4° par l'un des tireurs ou endosseurs s'il y en a plusieurs qui ne sont pas liés par une relation d'affaire, sauf</p>
--	---	--

<p>bucuruzi, keretse iyo umwe muri bo afite uburenganzira bwo guhagararira abandi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 53: Uburyo imenyekanisha ry'uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe rikorwa</u></b></p> <p>Kumenyekanisha ko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe bikorwa:</p> <p>1° hamenyeshwa uwo bireba cyangwa umuhagarariye;</p> <p>2° n'uhagarariye ugomba kwanga inyandiko ishobora gucuruzwa, mu izina rye bwite cyangwa mu izina ry'undi muntu ufite uburenganzira bwo kubimenyekanisha, yaba ari intumwa ye cyangwa atari yo;</p> <p>3° hakoreshejwe inyandiko cyangwa mu mvugo, kandi ku buryo hamenyekana neza inyandiko yanzwe iyo ari yo ndetse ko yangiwe kwishyurwa cyangwa kwemerwa.</p> <p>Kutagaragaza neza inyandiko ntibitesha agaciro imenyekanisha, keretse bitumye uwo ryakorewe atamenya ko ari we wamenyeshejwe.</p>	<p>them has authority to represent others.</p> <p><b><u>Article 53: Mode of notice of dishonour of a negotiable instrument</u></b></p> <p>The notice of dishonour of a negotiable instrument is given by:</p> <p>1° notifying the concerned party or his or her proxy;</p> <p>2° a proxy in his or her own name or in the name of any party entitled to give notice, whether that party is his or her principal or not;</p> <p>3° written or by verbal communication in such a manner as to specify clearly the instrument dishonoured either for payment or acceptance.</p> <p>Lack of clear description of the instrument does not invalidate the notice unless the party to whom the notice is given is misled by it.</p>	<p>dans le cas où l'un d'eux est autorisé à représenter les autres.</p> <p><b><u>Article 53 : Modalités de notification de refus d'un titre négociable</u></b></p> <p>La notification de refus d'un titre négociable est faite par :</p> <p>1° notification de la partie concernée ou son représentant;</p> <p>2° un représentant en son propre nom ou au nom de toute autre personne habilitée à faire la notification, et que cette personne soit son mandant ou non;</p> <p>3° écrit ou communication verbale de sorte qu'il soit clairement indiqué le titre refusé soit pour paiement ou acceptation.</p> <p>Le défaut de précision du titre ne rend pas invalide la notification sauf si elle a induit en erreur celui à qui elle a été faite.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 54: Imiterere y’imenyekanisha</u></b></p> <p>Imenyekanisha ntibisaba ko riba ryanditse. Biba bihagije iyo inyandiko yanzwe isubijwe nyirayo cyangwa uwayihererekanyije.</p> <p><b><u>Ingingo ya 55: Imenyekanisha rikorewe abahererekanyije mbere inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Buri muntu wese urebwa n’inyandiko ishobora gucuruzwa kandi wamenyeshejwe ko yanzwe mu buryo bwemewe, ahabwa igihe kingana n’igiteganywa mu ngingo ya 52 y’iri tegeko, kugira ngo amenyeshe abahererekanyije mbere ye inyandiko ishobora gucuruzwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 56: Ahantu imenyekanisha ry’uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe rikorerwa</u></b></p> <p>Imenyekanisha ry’uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe riba rihagije, ku nyandiko ishobora gucuruzwa igomba kwishyurwa mu Rwanda, iyo ryakozwe mu gihe gikwiye, rigashyikirizwa buri ruhande rwose rurebwa n’inyandiko ishobora gucuruzwa cyangwa uyifiteho uburenganzira, aho asanzwe abarizwa</p>	<p><b><u>Article 54: Form of notice</u></b></p> <p>A notice does not need to be written. It is sufficient if the dishonoured negotiable instrument is returned to the drawer or endorser.</p> <p><b><u>Article 55: Notice to prior endorsers</u></b></p> <p>Each person concerned with the negotiable instrument and who was legally informed that it is dishonoured, he or she is given the same period of time as is provided in Article 52 of this Law in order to inform prior endorsers.</p> <p><b><u>Article 56: Place for the notice of dishonour of a negotiable instrument</u></b></p> <p>A notice of dishonour of a negotiable instrument payable in Rwanda is sufficiently given if it is addressed in due time to any party or person entitled to the negotiable instrument, at his or her customary address or place of residence or at the place at which a negotiable instrument is signed, or any other place</p>	<p><b><u>Article 54 : Forme de la notification</u></b></p> <p>La notification ne doit pas nécessairement se faire sous la forme écrite. Il suffit que le titre refusé soit renvoyé au tireur ou à l’endosseur.</p> <p><b><u>Article 55 : Notification faite aux endosseurs antérieurs</u></b></p> <p>Toute personne concernée par le titre négociable et ayant été légalement notifiée du refus de ce titre dispose du même délai que celui prévu à l’article 52 de la présente loi pour en aviser les endosseurs antérieurs.</p> <p><b><u>Article 56 : Lieu de la notification de refus du titre négociable</u></b></p> <p>La notification de refus du titre négociable payable au Rwanda suffit lorsqu’elle a été faite dans les délais à toute partie ou ayant droit au titre négociable, soit à son adresse ou à sa résidence habituelle, soit au lieu de la signature du titre négociable, ou tout autre lieu indiqué sur le titre négociable, ou tout autre lieu désigné par la personne</p>
--	---	--

<p>cyangwa atuye, cyangwa se rigakorerwa aho inyandiko ishobora gucuruzwa yashyiriweho umukono cyangwa ahandi hateganyijwe mu nyandiko, cyangwa se ahandi hateganyijwe n’uwo inyandiko ishobora gucuruzwa ireba mu gihe yayishyizeho umukono.</p> <p>Imenyekanisha riba ryakozwe mu buryo bwemewe iyo rishyizwe ku biro by’iposita cyangwa ryoherejwe hakoreshejwe ubundi buryo bw’itumanaho bwemewe, bigakorwa kandi ku muni wo kwerekana inyandiko ishobora gucuruzwa ngo yishyurwe cyangwa undi muni w’akazi ukurikira.</p> <p>Imenyekanisha ntirishobora guta agaciro bitewe n’urupfu rw’uwo ryari rigenewe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 57: Izimira ry’imenyekanisha ryanyujijwe mu itumanaho</u></b></p> <p>Imenyekanisha ry’uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe ryanyujijwe mu iposita cyangwa mu bundi buryo bw’itumanaho bwemewe, rikomeza kugira agaciro nubwo inyandiko y’imenyekanisha yazimira.</p>	<p>specified by the person concerned by the negotiable instrument if he or she has signed it.</p> <p>The notice is considered to have been duly served if it is deposited at the post office or through any other recognised means of communication, and it is done on the day of presentation of the negotiable instrument for payment or on the following working day.</p> <p>The notice is not invalid due to death of the party to whom it is addressed.</p> <p><b><u>Article 57: Loss of notice made through means of communication</u></b></p> <p>A notice of dishonour of a negotiable instrument which is duly addressed through the post office or any recognised means of communication continues to be valid even if the notice of dishonour disappears.</p>	<p>concernée par le titre négociable lorsqu’elle y a apposé sa signature.</p> <p>La notification est réputée avoir été dûment signifiée lorsqu’elle est déposée, à un bureau de poste ou par tout autre moyen légal de communication et ce, le jour de la présentation du titre négociable au paiement ou le jour ouvrable qui suit.</p> <p>La notification n’est pas invalidée en raison du décès de la partie à laquelle elle est adressée.</p> <p><b><u>Article 57 : Perte de notification transmise par voie de communication</u></b></p> <p>La notification de refus du titre négociable par voie postale ou par tout autre moyen légal de communication reste valable même en cas de perte de la notification.</p>
--	---	--



<p><b><u>Ingingo ya 58: Ubukererwe bushobora kwihanganirwa</u></b></p> <p>Ubukererwe bw’imenyekanisha ry’inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe bwatewe n’impamvu itunguranye kandi ntarengwa k’ukora imenyekanisha, burihanganirwa iyo bigaragara ko bitaturutse ku makosa ye.</p>	<p><b><u>Article 58: Excusable delay</u></b></p> <p>Delay notice of dishonour of a negotiable instrument which is due an unforeseeable event or event of force majeure against the party serving the notice is excused if it is evident that it has not emanated from his or her faults.</p>	<p><b><u>Article 58 : Retard excusable</u></b></p> <p>Le retard de notification de refus d’un titre négociable qui est dû à un cas fortuit ou de force majeure contre la volonté de l’auteur de la notification est excusable lorsqu’il ne lui est pas imputable.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 59: Imenyekanisha rikuriweho uwishyurwa</u></b></p> <p>Imenyekanisha ry’uko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe ntiriba rikiri ngombwa iyo:</p> <p>1° hamaze gukorwa ibishoboka byose, imenyekanisha ryateganyijwe muri iri tegeko ridashoboye gukorwa cyangwa se ngo rigere kuri nyir’inyandiko cyangwa uwayihererekanyije bireba;</p> <p>2° abo bireba bikuriyeho imenyekanisha mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.</p>	<p><b><u>Article 59: Waiver of notice to payee</u></b></p> <p>Notice of dishonour of a negotiable instrument is waived if:</p> <p>1° after the exercise of due diligence, notice as required by this Law cannot be given to or does not reach the drawer or endorser sought to be charged;</p> <p>2° it is waived by concerned parties whether express or implied.</p>	<p><b><u>Article 59 : Dispense de notification à l’égard du bénéficiaire</u></b></p> <p>Il y a dispense de notification de refus d’un titre négociable lorsque :</p> <p>1° malgré la diligence nécessaire, la notification prévue par la présente loi ne peut être faite ou ne parvient pas au tireur ou à l’endosseur obligé;</p> <p>2° il y a renonciation expresse ou tacite par les parties concernées.</p>
<p>Gukurirwaho imenyekanisha bishobora kuba mbere y’itariki imenyekanisha rigomba gutangwaho cyangwa nyuma y’uko uwo bireba ananiwe kubikora.</p>	<p>Notice of dishonour may be waived before the time of giving notice is due or after the omission to give due notice.</p>	<p>La renonciation peut intervenir avant la date où la notification de refus doit être faite ou postérieurement à l’omission de le faire.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 60:</u> Gukurirwaho imenyekanisha nyir'inyandiko rikorerwa</b></p>	<p><b><u>Article 60:</u> Waiver of notice to the drawer</b></p>	<p><b><u>Article 60 :</u> Dispense de notification à l'égard du tireur</b></p>
<p>Nyir'inyandiko ntiyitwaza ko atamenyeshejwe ko inyandiko ishobora gucuruzwa ye yanzwe iyo:</p> <p>1° nyir'inyandiko ari na we wishyurwa;</p> <p>2° uwohererejwe inyandiko yishyura atigeze abaho cyangwa adafite ubushobozi bwo gukora amasezerano;</p> <p>3° nyir'inyandiko ari na we wayeretswe kugira ngo habe ubwishyu;</p> <p>4° nta nshingano uwishyura cyangwa uwemera inyandiko ishobora gucuruzwa afitiye nyir'inyandiko zo kuyemera cyangwa kuyishyura;</p> <p>5° nyir'inyandiko yatesheje agaciro inyandiko ishobora gucuruzwa.</p>	<p>The drawer does not invoke the fact that he or she was not given notice of dishonour of his or her negotiable instrument if:</p> <p>1° the drawer is at the same time the payee;</p> <p>2° the drawee is fictitious or has no capacity to contract;</p> <p>3° the drawer is the person to whom the negotiable instrument is presented for payment;</p> <p>4° the payer or the acceptor is under no obligation towards the drawer to accept or to pay the negotiable instrument;</p> <p>5° the drawer has cancelled the negotiable instrument.</p>	<p>Le tireur ne se prévaut pas qu'il n'a pas été notifié du refus de son titre négociable lorsque :</p> <p>1° le tireur est en même temps le bénéficiaire;</p> <p>2° le tiré est fictif ou incapable de contracter;</p> <p>3° le tireur est la personne à qui le titre négociable est présenté pour paiement;</p> <p>4° le payeur ou l'accepteur n'est pas obligé envers le tireur d'accepter ou de payer le titre négociable;</p> <p>5° le tireur a annulé le titre négociable.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 61:</u> Kwanga inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu Rwanda</b></p> <p>Uwitwaje inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe mu Rwanda yangiwe kwishyurwa ashobora, bibaye ngombwa, kuyishyirishaho umukono mpamo no gukoresha inyandikomvaho yemeza ko inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe cyangwa itishyuwe. icyakora, si ngombwa kuyishyirishaho umukono mpamo no gukoresha inyandikomvaho yemeza ko yanzwe cyangwa itishyuwe kugira ngo hatangwe ikirego kuri nyir'inyandiko cyangwa ku wayihererekanyije.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62:</u> Kongera gukora inyandikomvaho kubera kutishyurwa</b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yakorewe inyandikomvaho kubera kutemerwa cyangwa kubera ko uwayikoresheje yisubiyeho, ishobora kongera gukorerwa inyandikomvaho ishingiye ku kutishyurwa.</p>	<p><b><u>Article 61:</u> Dishonour of a negotiable instrument drawn within the country</b></p> <p>A bearer of a negotiable instrument made in Rwanda which has been dishonoured may, if necessary, cause it to be noted with authentic signature and protested for non-acceptance or non-payment. However, it is not necessary to cause it to be signed or protested in order to file an action against the drawer or endorser.</p> <p><b><u>Article 62:</u> Recreation of a protest</b></p> <p>A negotiable instrument that has been protested for non-acceptance or of which protest for non-acceptance has been waived, may subsequently give rise to a new protest.</p>	<p><b><u>Article 61 :</u> Refus d'un instrument négociable tiré dans le pays</b></p> <p>Un porteur d'un titre négociable émis au Rwanda et qui est refusé peut, le cas échéant, le faire authentifier ou protester pour défaut d'acceptation ou de paiement. Toutefois, il n'est pas nécessaire de le faire signer ou protester pour intenter une action en justice contre le tireur ou l'endorser.</p> <p><b><u>Article 62 :</u> Dresser à nouveau un protêt</b></p> <p>Un titre négociable protesté pour faute d'acceptation ou dont le protêt a été levé peut, par la suite faire l'objet d'un nouveau protêt.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 63: Inshingano ziyanye no kwemera inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Uwemeye inyandiko ishobora gucuruzwa, yiyemeza kuyishyura hakurikijwe ibikubiye mu byo yiyemereye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 64: Kutisubiraho</u></b></p> <p>Uwemeye inyandiko ishobora gucuruzwa ntashobora kwangira uyitwaje uburenganzira bwe yitwaje kuba umukono utari mpamo n'ubushobozi bwo kuba nyir'inyandiko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 65: Inshingano za nyir'inyandiko</u></b></p> <p>Nyir'inyandiko asezeranya ko:</p> <p>1° mu gihe izerekanwa mu buryo bukurikije amategeko, izakirwa kandi ikishyurwa ku gaciro kayo;</p> <p>2° mu gihe yangiwe kwishyurwa, azashumbusha uyifite cyangwa uwayihererekanyije wategetse ko yishyurwa;</p> <p>3° adashobora gutambamira kwishyura</p>	<p><b><u>Article 63: Obligation related to acceptance of a negotiable instrument</u></b></p> <p>An acceptor of a negotiable instrument engages that he or she pays it according to the terms of his or her acceptance.</p> <p><b><u>Article 64: Estoppel</u></b></p> <p>An acceptor of a negotiable instrument is precluded from denying the bearer the authenticity of signature and capacity to draw the negotiable instrument.</p> <p><b><u>Article 65: Obligations of the drawer</u></b></p> <p>The drawer of a negotiable instrument promises that:</p> <p>1° on due presentation, the instrument shall be accepted and paid according to its value;</p> <p>2° if it is dishonoured, he or she will compensate the holder or any endorser who ordered its payment;</p> <p>3° he or she cannot oppose payment to be made to the bearer in due course.</p>	<p><b><u>Article 63: Obligations liée à l'acceptation d'un titre négociable</u></b></p> <p>L'accepteur d'un titre négociable s'engage à le payer dans le respect des termes de son acceptation.</p> <p><b><u>Article 64 : Estoppel</u></b></p> <p>Un accepteur d'un titre négociable ne peut opposer au porteur l'authenticité de signature et la capacité de tirer le titre négociable.</p> <p><b><u>Article 65 : Obligations du tireur</u></b></p> <p>Le tireur d'un titre négociable promet que :</p> <p>1° sur présentation en bonne et due forme, le titre sera accepté et payé à sa juste valeur ;</p> <p>2° en cas de refus de paiement, il va indemniser le détenteur ou tout endosseur qui en a ordonné le paiement ;</p> <p>3° il ne peut pas s'opposer au paiement fait au porteur régulier.</p>
--	---	---

<p>uyitwaje ku buryo bukurikije amategeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 66:</u> Inkurikizi z’umukono w’uhererekanya inyandiko</b></p> <p>Uwashyize umukono ku nyandiko ishobora gucuruzwa ihererekanyijwe aryoza nka nyir’inyandiko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 67:</u> Kubara ingano y’indishyi</b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yangiwe kwishyurwa, ibi bikurikira byitabwaho mu kubara indishyi:</p> <p>1° umubare w’amafaranga ari ku nyandiko ishobora gucuruzwa;</p> <p>2° inyungu zayo uhereye ku muni yerekaniweho kugira ngo yishyurwe, niba inyandiko ishobora gucuruzwa igomba kwishyurwa bisabwe cyangwa uhereye ku muni wa nyuma wo kwishyurwa mu bindi bihe byose;</p> <p>3° amafaranga y’inyandikomvaho yemeza ko inyandiko ishobora gucuruzwa itishyuwe, harimo n’ay’inyandiko mpamo.</p>	<p><b><u>Article 66:</u> Effects of signature of an endorser</b></p> <p>An endorser of a negotiable instrument is held liable in the same capacity as the drawer.</p> <p><b><u>Article 67:</u> Computation of the amount of compensation</b></p> <p>Where a negotiable instrument is dishonoured, the following items are considered in calculation of the amount of compensation:</p> <p>1° the amount specified on the negotiable instrument;</p> <p>2° interests accrued from the time of presentation for payment, if the negotiable instrument is payable on demand, and from the maturity of the instrument in any other case;</p> <p>3° expenses of a protest including those of authenticity.</p>	<p><b><u>Article 66 :</u> Effets de la signature d’un endosseur</b></p> <p>Un endosseur d’un titre négociable est tenu responsable au même titre que le tireur.</p> <p><b><u>Article 67 :</u> Calcul du montant de la compensation</b></p> <p>Lorsqu’un titre négociable est refusé, des éléments suivants sont pris en compte dans le calcul du montant de l’indemnisation :</p> <p>1° le montant indiqué sur un titre négociable ;</p> <p>2° les intérêts courus à compter de la présentation au paiement, si l’instrument négociable est payable à vue, et à compter de l’échéance de l’instrument dans les autres cas ;</p> <p>3° les frais du protêt y compris ceux de l’authentification.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 68: Kwishyuzwa indishyi</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yanzwe:</p> <p>1° uyitwaje ashobora kuyishyuzwa ku muntu wayihererekanyije bwa nyuma;</p> <p>2° uyitwaje ashobora guhatira nyir'inyandiko cyangwa uwayihererekanyije wese ugomba kwishyura kumwishyura.</p>	<p><b><u>Article 68: Recovery of compensation</u></b></p> <p>If a negotiable instrument is dishonoured:</p> <p>1° the bearer may recover it from the last endorser;</p> <p>2° the bearer may enforce payment against the drawer or any endorser compelled to pay.</p>	<p><b><u>Article 68: Recouvrement de la compensation</u></b></p> <p>Lorsqu'un titre négociable est refusé :</p> <p>1° le porteur peut procéder au recouvrement contre le dernier endosseur ;</p> <p>2° le porteur peut obliger le tireur ou tout endosseur obligé de payer.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 69: Irangira ry'inshingano ku nyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Inshingano zishingiye ku nyandiko ishobora gucuruzwa ziba zirangiye iyo yishyurwe n'uwishyura cyangwa umuhagarariye mu gihe cyagenwe.</p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa yatanze n'udafitiye undi umwenda iba yishyurwe, iyo uwari wayigenewe yishyuye mu gihe cyagenwe.</p>	<p><b><u>Article 69: Cessation of obligations related to a negotiable instrument</u></b></p> <p>Obligations based on a negotiable instrument cease if a negotiable instrument is paid in due course by the payer or his or her agent.</p> <p>An accommodation negotiable instrument is considered to have been discharged if the accommodation party has made payment in due course.</p>	<p><b><u>Article 69: Cessation d'une obligation liée au titre négociable</u></b></p> <p>Les obligations liées au titre négociable cessent lorsque le titre est régulièrement payé par le payeur ou par son représentant.</p> <p>Un titre négociable de complaisance émis par celui qui n'a aucune autre dette est réputé payé, lorsque celui à qui le titre était destiné a régulièrement payé.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 70: Kureka gukurikirana</u></b></p> <p>Inyandiko ishobora gucuruzwa ifatwa ko yishyuwe iyo uwitwaje inyandiko igihe cyagenwe kigeze cyangwa nyuma yacyo aretse nta mpamvu uburenganzira yari afite bwo gukurikirana uwayemeye. Uwitwaje inyandiko ashobora kandi kutishyuzwa undi wese, igihe cyagenwe kigeze cyangwa se nyuma yacyo.</p>	<p><b><u>Article 70: Renunciation</u></b></p> <p>A negotiable instrument is considered to have been discharged, at or after its maturity, if the bearer thereof unconditionally renounces his or her rights against the acceptor. The bearer may also, at or after its maturity, renounce claiming payment against any party.</p>	<p><b><u>Article 70 : Renonciation</u></b></p> <p>Le titre négociable est réputé acquitté, à l'échéance ou après celle-ci, lorsque le porteur renonce sans condition à ses droits à l'égard de l'accepteur. Le porteur d'un titre peut aussi ne pas réclamer à l'échéance le paiement à l'égard de toute partie.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 71: Gutesha agaciro inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa iteshejwe agaciro ku bushake n'uyitwaje cyangwa intumwa ye kandi akayibigaragazaho, inyandiko ishobora gucuruzwa ifatwa nk'iyishyuwe.</p>	<p><b><u>Article 71: Cancellation of a negotiable instrument</u></b></p> <p>In the event that a negotiable instrument is intentionally cancelled by the bearer or his or her agent and the cancellation is apparent thereon, the negotiable instrument is considered as discharged.</p>	<p><b><u>Article 71: Annulation d'un titre négociable</u></b></p> <p>Lorsque le titre négociable est intentionnellement annulé par le porteur ou son représentant en y portant clairement mention, le titre négociable est réputé acquitté.</p>
<p>Umuntu wese urebwa n'inyandiko ishobora gucuruzwa ashobora kudakurikiranwa bitewe n'uko yateshejwe agaciro ku bushake n'umukono w'uyifite cyangwa w'intumwa ye.</p>	<p>Any party liable on a negotiable instrument may be discharged by the intentional cancellation by the holder or by his or her agent's signature.</p>	<p>Toute personne obligée par un titre peut être libérée par l'annulation intentionnelle faite par la signature du détenteur ou de son représentant.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 72: Iteshagaciro ritagambiriwe</u></b></p> <p>Iteshagaciro ry'inyandiko ishobora gucuruzwa ridaturutse ku bushake cyangwa ryakozwe biturutse ku kwibeshya</p>	<p><b><u>Article 72: Unintentional cancellation</u></b></p> <p>A cancellation of a negotiable instrument made unintentionally or under a mistake, or without the authority of the bearer is void.</p>	<p><b><u>Article 72 : Annulation involontaire</u></b></p> <p>L'annulation involontaire d'un titre négociable, ou faite par erreur ou sans l'autorisation du porteur est de nul effet.</p>

<p>cyangwa nta burenganzira bw'uwitwaje inyandiko, nta gaciro rigira.</p> <p>Ugomba gutanga ibimenyetso ni ugomba kwerekana ko byakozwe bitagambiriwe mu gihe inyandiko ishobora gucuruzwa cyangwa umwe mu mikono yashyizweho byateshejwe agaciro.</p> <p><b><u>Ingingo ya 73: Ihindurwa ry'inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yahinduwe mu mimerere yayo ariko ihindurwa ritagaragara kandi iri mu maboko y'uuyifite mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ayifata nk'aho itigeze ihindurwa, uyifite ashobora gusaba ko yishyurwa nk'inyandiko ishobora gucuruzwa y'umwimerere.</p> <p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa ihinduwe mu mimerere yayo impande zose zirebwa na yo zitabyemeye ita agaciro.</p> <p><b><u>Ingingo ya 74: Ihindurwa ry'inyandiko ishobora gucuruzwa mu mimerere yayo</u></b></p> <p>Guhindura inyandiko ishobora gucuruzwa mu mimerere yayo biba iyo bikoze nibura kuri kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>1° itariki;</p>	<p>The burden of proof lies on the party who alleges that the cancellation was made unintentionally if the negotiable instrument or one of the signatures thereon has been cancelled.</p> <p><b><u>Article 73: Alteration of a negotiable instrument</u></b></p> <p>In the event a negotiable instrument has been materially altered, but the alteration is not apparent, and the instrument is in the hands of a holder in due course, and the holder considers the instrument as if it had not been altered, he or she may enforce its payment as an original negotiable instrument.</p> <p>In the event a negotiable instrument is materially altered without the assent of all parties, the instrument is void.</p> <p><b><u>Article 74: Material alteration of a negotiable instrument</u></b></p> <p>An alteration of a negotiable instrument is considered to be material if it is done on at least the following:</p> <p>1° the date;</p>	<p>La charge de la preuve à cet effet incombe à la partie qui en allègue le caractère non intentionnel, lorsque le titre négociable ou l'une des signatures apposées paraît avoir été annulée.</p> <p><b><u>Article 73: Altération d'un titre négociable</u></b></p> <p>Lorsqu'un titre négociable a subi une altération substantielle mais non apparente et que son détenteur régulier le considère comme s'il n'avait pas été altéré, il peut en exiger le paiement comme un titre négociable original.</p> <p>Lorsqu'un titre négociable a subi une altération substantielle non reconnue par toutes les parties obligées, il devient nul.</p> <p><b><u>Article 74: Altération substantielle d'un titre négociable</u></b></p> <p>Une altération d'un titre négociable est réputée substantielle lorsqu'elle porte au moins sur ce qui suit :</p> <p>1° la date ;</p>
---	---	--



<p>2° umubare w'amafaranga yishyurwa;</p> <p>3° igihe cy'ubwishyu;</p> <p>4° ahantu ubwishyu bubera.</p>	<p>2° the amount of money payable;</p> <p>3° the time of payment;</p> <p>4° the place of payment.</p>	<p>2° le montant d'argent payable ;</p> <p>3° le moment du paiement ;</p> <p>4° le lieu de paiement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 75: Guhabwa indi nyandiko ishobora gucuruzwa isimbura iyatakaye</u></b></p>	<p><b><u>Article 75: Receiving a duplicate of a lost negotiable instrument</u></b></p>	<p><b><u>Article 75 : Recevoir le duplicata d'un titre négociable perdu</u></b></p>
<p>Iyo inyandiko ishobora gucuruzwa yatakaye itararenza igihe cyo kwishyurwa, uwari uyifite ashobora gusaba nyir'inyandiko indi nkayo, akishingira kumuha indishyi, iyo abisabye.</p>	<p>In the event a negotiable instrument is lost before it is overdue, the person who was the holder of it may apply to the drawer to give him or her another instrument of the same tenor by undertaking to compensate the drawer, if required.</p>	<p>Lorsqu'un titre négociable a été perdu avant l'échéance, la personne qui en était détenteur peut demander au tireur de lui en établir un autre de même nature moyennant engagement de payer une indemnisation au tireur, s'il l'exige.</p>
<p>Mbere y'uko indi nyandiko ishobora gucuruzwa isimbura iyatakaye itangwa, nyir'inyandiko abanza gutesha agaciro inyandiko ishobora gucuruzwa yatakaye.</p>	<p>Before the duplicate of a lost negotiable instrument is issued, such a lost negotiable instrument is first cancelled by the drawer.</p>	<p>Avant l'émission du duplicata du titre négociable perdu, un tel titre négociable est d'abord annulé par le tireur.</p>
<p>Nyir'inyandiko wanze gutanga indi nyandiko ishobora gucuruzwa isimbura iyatakaye ashobora kubihatirwa n'urukiko.</p>	<p>A drawer who refuses to give a duplicate of a negotiable instrument may be ordered to do so by the court.</p>	<p>Le tireur qui refuse de donner le duplicata d'un titre négociable peut en être forcé par la juridiction.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 76 : Irangira ry'icuruzwa ry'inyandiko ishobora gucuruzwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 76: Cessation of negotiability of a negotiable instrument</u></b></p>	<p><b><u>Article 76: Cessation de la négociabilité d'un titre négociable</u></b></p>
<p>Igikorwa cy'icuruzwa ry'inyandiko ishobora gucuruzwa kirangizwa n'uko yishyurwa burundu ku bo bireba cyangwa itagishoboye gukomeza gucuruzwa.</p>	<p>Negotiability of a negotiable instrument ceases upon a discharge for parties or when a negotiable instrument can no longer be negotiable.</p>	<p>La négociabilité d'un titre négociable prend fin lorsqu'il y a paiement définitif pour les parties ou lorsque le titre négociable ne peut plus être négocié.</p>

<p><b><u>UMUTWE WA III: INYANDIKO NTEGEKABWISHYU</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 77: Inyandiko ntegekabwishyu itujuje ibisabwa</u></b></p> <p>Inyandiko ntegekabwishyu itujuje ibisabwa mu ngingo ya 4 y’iri tegeko cyangwa isaba ibirengeje ibyateganyijwe bitari ubwishyu bw’amafaranga, ntigira agaciro kandi ntifatwa nk’inyandiko ntegekabwishyu.</p> <p>Inyandiko ntegekabwishyu yagenewe abantu barenze umwe bagomba kwishyura mu bihe bitandukanye ntiba ikiri inyandiko ntegekabwishyu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 78: Kudashyira ku nyandiko ntegekabwishyu itariki yatangiweho</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu itanzwe kugira ngo izishyurwe ku gihe kizwi kandi itariki yatangiweho ikaba itagaragajwe, uyifite wese ashobora gushyiraho itariki nyayo iyo nyandiko ntegekabwishyu yatangiweho kandi ikishyurwa ibyo byitaweho.</p> <p>Iyo itariki itari iy’ukuri yashyizwe ku nyandiko ntegekabwishyu kandi iyo</p>	<p><b><u>CHAPTER III: BILL OF EXCHANGE</u></b></p> <p><b><u>Article 77: Bill of exchange that does not comply with the requirements</u></b></p> <p>A bill of exchange that does not comply with the requirements provided in Article 4 of this Law or that orders any act to be done in addition to the payment of money is not valid and it is not considered as a bill of exchange.</p> <p>A bill of exchange addressed to more than one payer in succession is not a bill of exchange.</p> <p><b><u>Article 78: Omission of date on which a bill of exchange is drawn</u></b></p> <p>If a bill of exchange is issued for payment at a fixed period of time and its date of issuance is not indicated, any holder may insert the true date of issuance of the bill of exchange and it is paid accordingly.</p> <p>If a wrong date is inserted in a bill of exchange and the bill of exchange comes</p>	<p><b><u>CHAPITRE III: LETTRE DE CHANGE</u></b></p> <p><b><u>Article 77: Lettre de change qui ne remplit pas les conditions</u></b></p> <p>Une lettre de change qui ne remplit pas les conditions prévues à l’article 4 de la présente loi, ou qui impose qu’un autre acte soit fait en plus du paiement en argent, n’est pas valide et n’est pas considéré comme une lettre de change.</p> <p>Une lettre de change tirée sur plus d’une personne qui s’oblige de payer aux échéances différentes n’a pas valeur de lettre de change.</p> <p><b><u>Article 78 : Omission de la date d’émission d’une lettre de change</u></b></p> <p>Lorsqu’une lettre de change est émise pour être payée à une période déterminée et que la date d’émission n’est pas indiquée, tout titulaire peut insérer la véritable date d’émission de la lettre de change et elle est payée en conséquence.</p> <p>Lorsqu’une date erronée est insérée dans une lettre de change et que celle-ci entre</p>
---	--	--

<p>nyandiko ntegekabwishyu ikagera mu maboko y'uyifite mu buryo bwemewe, iyo nyandiko ntegekabwishyu ntishobora kwangwa, ikomeza gukoreshwa kandi ikishyurwa nk'aho itariki yashyizwemo ari itariki nyayo.</p>	<p>into the hands of a holder in due course, the bill of exchange is not avoided, it operates and is paid as if the date so inserted was the true date.</p>	<p>dans les mains d'un titulaire régulier, cette lettre de change ne peut pas être refusée, elle fonctionne et est payée comme si la date ainsi insérée était la date réelle.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 79:</u> Kwemera inyandiko ntegekabwishyu</b></p>	<p><b><u>Article 79:</u> Acceptance of a bill of exchange</b></p>	<p><b><u>Article 79:</u> Acceptation d'une lettre de change</b></p>
<p>Kwemera inyandiko ntegekabwishyu bikorwa n'uwoherejwe inyandiko yishyura amenyesha nyir'inyandiko ko yemeye gushyira mu bikorwa icyemezo cye.</p>	<p>Acceptance of a bill of exchange is done through the notification by the drawee of his or her assent to the order of the drawer.</p>	<p>L'acceptation d'une lettre de change se fait à travers la signification par le tiré de son engagement à exécuter l'ordre du tireur.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 80:</u> Kwibeshya ku izina ry'uwishyura</b></p>	<p><b><u>Article 80:</u> Error on the name of the payer</b></p>	<p><b><u>Article 80:</u> Erreur sur le nom du payeur</b></p>
<p>Iyo hari ikosa mu izina ry'uwishyura cyangwa ryanditse nabi, uwishyura ashobora kwemera inyandiko ntegekabwishyu uko iri agashyiraho umukono we.</p>	<p>Where there is an error on the name of the payer or where the name is misspelt, he or she may accept the bill of exchange as it is and signs it.</p>	<p>Lorsqu'il y a erreur sur le nom du payeur ou si son nom est mal orthographié, le payeur peut accepter la lettre en son état, et y apposer sa signature.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 81:</u> Ibisabwa kugira ngo kwemera inyandiko ntegekabwishyu bigire agaciro</b></p>	<p><b><u>Article 81:</u> Requirements for a valid acceptance of a bill of exchange</b></p>	<p><b><u>Article 81:</u> Conditions de validité d'acceptation d'une lettre de change</b></p>
<p>Kugira ngo kwemera inyandiko ntegekabwishyu bigire agaciro bigomba kuzuza ibi bikurikira:</p>	<p>To be valid, the acceptance of a bill of exchange must comply with the following:</p>	<p>Pour être valable, l'acceptation d'une lettre de change doit se conformer à ce qui suit :</p>

<p>1° kwemera byanditswe ku nyandiko ntegekabwishyu kandi biriho umukono w'uwohererejwe inyandiko yishyura;</p> <p>2° kwemera bitagararamo ko uwohererejwe inyandiko yishyura azishyura ikindi kitari amafaranga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 82:</u> Ukwemera inyandiko ntegekabwishyu mu buryo bwa rusange cyangwa bufite inkomyi</b></p> <p>Kwemera inyandiko ntegekabwishyu bishobora kuba mu buryo bwa rusange cyangwa mu buryo bufite inkomyi.</p> <p>Kwemera inyandiko ntegekabwishyu biba ari mu buryo bwa rusange iyo nta nkomyi yateganyijwe mu nyandiko ntegekabwishyu yamenyeshejwe nyir'inyandiko.</p> <p>Kwemera inyandiko ntegekabwishyu biba ari mu buryo bufite inkomyi iyo kwishyura bisaba ko ibyateganyijwe igihe inyandiko yakorwaga byose biba byuzujwe.</p>	<p>1° the acceptance is written on the bill of exchange and signed by the drawee;</p> <p>2° the acceptance which does not express that the drawee will pay by any means other than money.</p> <p><b><u>Article 82:</u> General or restrictive acceptance</b></p> <p>Acceptance of a bill of exchange may be general or restrictive.</p> <p>An acceptance of a bill is general if there is no restriction indicated on the bill of exchange notified to the drawer.</p> <p>An acceptance of a bill is restrictive if its payment is dependent on the fulfilment of all the conditions specified at the time of issuance.</p>	<p>1° l'acceptation est faite par écrit sur la lettre de change elle-même et signée par le tiré ;</p> <p>2° l'acceptation n'exprimant pas que le tiré paiera par autre moyen que l'argent.</p> <p><b><u>Article 82:</u> Acceptation générale ou restrictive</b></p> <p>L'acceptation d'une lettre de change peut être générale ou restrictive.</p> <p>L'acceptation d'une lettre de change est générale lorsqu'il n'y a pas de restriction stipulée dans la lettre de change signifiée au tireur.</p> <p>L'acceptation d'une lettre de change est restrictive lorsque le paiement est conditionné par l'accomplissement de tous les termes stipulés lors de l'émission.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 83: Ibiranga ukwemera inyandiko ntegekabwishyu bikoze mu buryo bufite inkomyi</u></b></p> <p>Kwemera inyandiko ntegekabwishyu biba bikoze mu buryo bufite inkomyi iyo:</p> <p>1° hari ibyo uwemera inyandiko ntegekabwishyu yasabye ko byubahirizwa mbere yo kuyishyura;</p> <p>2° uwemera inyandiko ntegekabwishyu yagaragaje ko azishyura gusa igice cy'ubwishyu;</p> <p>3° uwemera inyandiko ntegekabwishyu yatanze igihe giteganyijwe inyandiko igomba kwishyurwa;</p> <p>4° kwemera inyandiko ntegekabwishyu byakozwe na bamwe mu bagomba kwishyura.</p>	<p><b><u>Article 83: Characteristics of a restrictive acceptance of a bill of exchange</u></b></p> <p>An acceptance of a bill of exchange is restrictive when:</p> <p>1° acceptor of the bill of exchange requires certain conditions to be fulfilled before payment;</p> <p>2° acceptor of the bill of exchange indicates that he or she will only pay part of the amount to be paid;</p> <p>3° acceptor of the bill of exchange specifies a certain date on which the bill has to be paid;</p> <p>4° acceptance of the bill of exchange is done by some of the payers.</p>	<p><b><u>Article 83: Caractéristiques d'acceptation restrictive d'une lettre de change</u></b></p> <p>Une acceptation d'une lettre de change est restrictive lorsque :</p> <p>1° l'accepteur de la lettre de change exige la réalisation de certaines conditions avant le paiement ;</p> <p>2° l'accepteur de la lettre de change indique qu'il ne paiera qu'une partie de la somme pour laquelle la lettre est tirée ;</p> <p>3° l'accepteur de la lettre de change indique l'échéance de paiement de la lettre ;</p> <p>4° l'acceptation de la lettre de change est faite par certains des payeurs.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 84: Kwemera inyandiko ntegekabwishyu bidasubirwaho</u></b></p> <p>Amasezerano yerekeye inyandiko ntegekabwishyu areba uwishyura, uwayemeye cyangwa uwayihererekanyije, ashobora guseswa igihe cyose inyandiko</p>	<p><b><u>Article 84: Irrevocability of acceptance</u></b></p> <p>A contract on a bill of exchange made by a payer, by an acceptor or by an endorser, is revocable until delivery of the bill of exchange to the payee.</p>	<p><b><u>Article 84: Irrévocabilité de l'acceptation</u></b></p> <p>Une convention portant sur une lettre de change faite par un payeur, par un accepteur ou par un endosseur est</p>

<p>n-tegekabwishyu itarashyikirizwa uwishyurwa.</p> <p>Icyakora, iyo kwemera byanditswe ku nyandiko n-tegekabwishyu kandi uwishyura akamenyesha uyitwaje agaragaza ko yiteguye kumwishyura, uyitwaje na we akabyemera, icyo gihe kwemera inyandiko n-tegekabwishyu biba byuzuye no kuyisesa ntibiba bigishobotse.</p> <p><b><u>Ingingo ya 85:</u> Gutanga inyandiko n-tegekabwishyu</b></p> <p>Gutanga inyandiko n-tegekabwishyu bikorwa na:</p> <p>1° uwayanditse;</p> <p>2° uwayemeye;</p> <p>3° uwayihererekanyije cyangwa uwo yabihereye uburenganzira.</p> <p>Iyo inyandiko n-tegekabwishyu iri mu maboko y'uyifite bifatwa nk'ikimenyetso cy'uko yayishyikirijwe ku buryo bukurikije amategeko.</p>	<p>However, where an acceptance is written on a bill of exchange and the payer gives notice to the bearer who so accepts, the acceptance of the bill of exchange then becomes complete and irrevocable.</p> <p><b><u>Article 85:</u> Delivery of a bill of exchange</b></p> <p>Delivery of a bill of exchange is made by:</p> <p>1° the drawer;</p> <p>2° the acceptor;</p> <p>3° the endorser or his or her representative.</p> <p>If a bill of exchange is in the hands of a holder, a valid delivery of the bill of exchange is conclusively presumed.</p>	<p>révocable jusqu'à la remise de la lettre de change au bénéficiaire.</p> <p>Toutefois, lorsque l'acceptation est confirmée sur la lettre de change et que le payeur se déclare prêt à payer le porteur qui y consent, l'acceptation de la lettre de change devient ainsi parfaite et irrévocable.</p> <p><b><u>Article 85:</u> Remise d'une lettre de change</b></p> <p>La remise d'une lettre de change est faite par :</p> <p>1° le tireur ;</p> <p>2° l'accepteur ;</p> <p>3° l'endosseur ou son représentant.</p> <p>Lorsqu'une lettre de change est en possession d'une personne, elle est présumée en avoir régulièrement reçue.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 86:</u> Ubukererwe bwihanganirwa mu kwerekana inyandiko ntegekabwishyu</b></p> <p>Nyir'inyandiko cyangwa abahererekanyije inyandiko ntegekabwishyu, igomba kwishyurirwa ahandi hatari aho uwohererejwe inyandiko yishyura afite icyicaro cy'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa aho aba, haba mu nyubako cyangwa aderesi y'ikoranabuhanga ntibashobora kwitwaza ko inyandiko ntegekabwishyu itabanje kwerekanwa ngo yemerwe, iyo uyitwaje agaragaje ko yakoze uko ashoboye kugira ngo iyo nyandiko ntegekabwishyu yakirwe ariko ntabigereho.</p>	<p><b><u>Article 86:</u> Excusable late presentation of a bill of exchange</b></p> <p>A drawer or endorsers of a bill of exchange payable elsewhere than at the place of business or residence of the drawee, whether at his or her premises or through electronic mail, may not invoke non-presentation of the bill of exchange for payment if the bearer proves that he or she has unsuccessfully made every effort to cause the bill of exchange to be accepted.</p>	<p><b><u>Article 86 :</u> Présentation tardive excusable d'une lettre de change</b></p> <p>Le tireur ou les endosseurs d'une lettre de change payable ailleurs qu'au lieu d'activités ou à la résidence du tiré, soit dans ses locaux ou par courriel électronique ne peuvent se prévaloir du défaut de présentation de la lettre de change pour paiement lorsque le porteur prouve qu'il a fait toute diligence pour faire accepter la lettre de change mais en vain.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 87:</u> Ibigomba kubahirizwa mu iyerekana ry'inyandiko ntegekabwishyu kugira ngo yemerwe</b></p> <p>Inyandiko ntegekabwishyu yerekanywe kugira ngo yemerwe iba yujuje ibisabwa iyo ibi bikurikira byubahirijwe:</p> <p>1° iyo yerekanywe n'uyitwaje cyangwa umuhagarariye akayereka uwohererejwe inyandiko cyangwa uwahawe uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga kuyakira mu izina rye, kandi bigakorwa ku masaha n'umunsi</p>	<p><b><u>Article 87:</u> Conditions for presentation of a bill of exchange for acceptance</b></p> <p>A bill of exchange is duly presented for acceptance when it is presented in accordance with the following conditions:</p> <p>1° if presentation made by or on behalf of the bearer to the drawee or to a person authorised to accept or refuse acceptance on his or her behalf, at working hours and day and before the bill of exchange is overdue;</p>	<p><b><u>Article 87 :</u> Conditions de présentation d'une lettre de change pour acceptation</b></p> <p>La présentation d'une lettre de change pour l'acceptation est régulière lorsqu'elle est conforme aux conditions suivantes :</p> <p>1° lorsque la présentation est faite par le porteur, ou en son nom, au tiré ou à une personne autorisée à l'accepter ou à la refuser en son nom, aux heures et jour ouvrables, et ce avant l'échéance de la lettre de change ;</p>

<p>by'akazi mbere y'uko inyandiko ntegekabwishyu irenza igihe igomba kwishyurwamo;</p> <p>2° iyo inyandiko ntegekabwishyu igenewe abohererejwe inyandiko yishyura benshi ariko badahuriye ku bucuruzi, inyandiko ntegekabwishyu igomba kwerekwa buri wese muri bo, keretse hari uwahawe uburenganzira bwo kuyemera mu izina rya bose, icyo gihe ni we wenyine ushobora kuyerekwa;</p> <p>3° iyo uwishyura yapfuye, inyandiko ntegekabwishyu yerekwa ufite uburenganzira bwo kumuzungura;</p> <p>4° iyo imikorere imenyerewe cyangwa amasezerano abiteganywa, kwerekana inyandiko ntegekabwishyu bikorwa hifashishijwe iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho.</p>	<p>2° if a bill of exchange is addressed to several drawees with no business relationship, the presentation must be made to each of them, unless one has authority to accept for all, in which case the presentation may be made to him or her only;</p> <p>3° if the payer is dead, presentation of the bill of exchange is made to his or her heir;</p> <p>4° if authorised by usage or agreement, the presentation of a bill of exchange for acceptance is done through a post office or any other means of communication.</p>	<p>2° lorsqu'une lettre de change est adressée à plusieurs tirés qui n'ont pas de lien d'affaire, la présentation doit être faite à chacun d'eux, sauf si l'un d'eux est autorisé à l'accepter pour tous, auquel cas la présentation peut seulement lui être faite;</p> <p>3° lorsque le payeur est décédé, la présentation de la lettre de change est faite à son successeur;</p> <p>4° lorsque l'usage ou un accord l'autorise, la présentation d'une lettre de change est faite par voie postale ou par tout autre moyen de communication.</p>
--	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 88:</u> Uburyozwe bw’umuntu ushyira umukono ku nyandiko ntegekabwishyu nk’intumwa cyangwa uhagarariye undi</b></p> <p>Iyo umuntu ashize umukono ku nyandiko ntegekabwishyu nk’uwayitanze, uwayihererekanyije cyangwa nk’uwayemeye, yongeye amagambo ku mukono we, agaragaza ko yayishyizeho umukono nk’intumwa cyangwa nk’uhagarariye nyirayo, nta buryozwe agira. icyakora, iyo amagambo yongera ku mukono we amusobanura nk’intumwa cyangwa uhagarariye nyir’inyandiko, ntatuma asonerwa uburyozwe bwite.</p> <p>Iyo hagaragazwa niba umukono uri ku nyandiko ntegekabwishyu ari uw’uwahaye ububasha intumwa cyangwa niba uwo mukono ari uw’intumwa, igisobanuro gishimangira agaciro k’iyo nyandiko ni cyo cyemerwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 89:</u> Inyandiko ntegekabwishyu mpimbano yishyuwe n’ikigo cy’imari</b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu yishyuwe nta buriganya kandi ikishyurwa mu buryo busanzwe bw’ibikorwa, si inshingano y’ikigo cy’imari yo kugaragaza ko ihererekanya ry’iyo nyandiko ku</p>	<p><b><u>Article 88:</u> Liability of person signing as agent or in representative capacity</b></p> <p>If a person signs a bill of exchange as drawer, endorser or acceptor, and adds words to his or her signature, indicating that he or she signs for or on behalf of a principal, or in a representative capacity, he or she is not personally liable. However, the addition to his signature of words describing him or her as an agent, or as filling a representative capacity, does not exempt him or her from personal liability.</p> <p>When determining whether a signature on a bill of exchange is that of the principal or that of the agent by whose hand it is written, the interpretation which is the most favourable to the validity of the instrument is adopted.</p> <p><b><u>Article 89:</u> Forged bill of exchange paid by a financial institution</b></p> <p>If a bill of exchange is paid in good faith and in the ordinary course of business, it is not incumbent on the financial institution to show that the endorsement of the payee or any subsequent endorsement was made</p>	<p><b><u>Article 88:</u> Responsabilité de la personne signant en qualité de mandataire ou de représentant</b></p> <p>Lorsqu’une personne signe une lettre de change en qualité de tireur, d’endosseur ou d’accepteur, et y précise que sa signature est apposée pour le compte du commettant, à titre de mandataire ou de représentant, le fait d’apposer cette signature n’engage pas sa responsabilité personnelle. Toutefois, l’ajout à sa signature des mots le désignant comme mandataire ou représentant ne le dégage pas de sa responsabilité personnelle.</p> <p>Lorsqu’il s’agit d’établir si la signature apposée sur une lettre de change est celle du commettant ou celle de son agent, l’interprétation la plus favorable à la validité d’une lettre de change est retenue.</p> <p><b><u>Article 89 :</u> Lettre de change contrefaite payée par une institution financière</b></p> <p>Lorsqu’une lettre de change est payée de bonne foi et dans le cours normal des activités, l’institution financière n’est pas tenue de démontrer que l’endossement en faveur du bénéficiaire ou tout autre</p>
--	---	--

<p>wishyurwa cyangwa irindi hererekanya ryazakorwa nyuma rikozwe na nyir'uguherekanya iyo nyandiko nyawe cyangwa rikozwe n'uwo yabihereye uburenganzira, kandi icyo gihe ikigo cy'imari gifatwa nk'icyishyuye iyo nyandiko mu buryo bwemewe nubwo iryo hererekanya ryaba ari irihimbano cyangwa ritaratangiwe uburenganzira.</p> <p><b><u>Ingingo ya 90:</u> Umukono w'umuhimbano cyangwa utatangiwe uburenganzira</b></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, iyo umukono uri ku nyandiko ntegekabwishyu ari umuhimbano cyangwa warashyizweho bitatangiwe uburenganzira n'umuntu bivugwa ko ari nyirawo, uwo mukono muhimbano cyangwa utatangiwe uburenganzira uta agaciro kandi nta burenganzira bwo kugumana iyo nyandiko ntegekabwishyu cyangwa guhatira kwishyura umuntu urebwa na yo bushobora gushingira kuri uwo mukono.</p> <p>Icyakora, uruhande rusabirwa kugumanirwa inyandiko ntegekabwishyu cyangwa kwishyurwa rushobora kutita ku by'umukono muhimbano cyangwa ku nshingano yo gusaba kugaragarizwa uburenganzira.</p>	<p>by or under the authority of the person whose endorsement it purports to be and the financial institution is considered to have paid the bill in due course even if such endorsement has been forged or made without authority.</p> <p><b><u>Article 90:</u> Forged or unauthorised signature</b></p> <p>Subject to the provisions of this Law, if a signature on a bill of exchange is forged or placed thereon without the authority of the person whose signature it purports to be, the forged or unauthorised signature is wholly void and no right to retain the bill of exchange or to enforce payment against any party thereto can be acquired under that signature.</p> <p>However, a party against whom it is sought to retain the bill of exchange or enforce payment of the bill of exchange may not consider the forgery or require authority.</p>	<p>endossement postérieur a été fait par le présumé endosseur ou sous son autorisation et l'institution financière est réputée avoir régulièrement payé la lettre de change même si un tel endossement est falsifié ou non autorisé.</p> <p><b><u>Article 90:</u> Signature contrefaite ou non autorisée</b></p> <p>Sous réserve des dispositions de la présente loi, une signature contrefaite ou apposée sans l'autorisation du présumé signataire, n'a aucun effet et ne confère pas le droit de retenir la lettre de change ni d'obliger une partie à celle-ci à en effectuer le paiement.</p> <p>Toutefois, la partie contre laquelle il est demandé de retenir la lettre de change ou d'en effectuer le paiement peut ne pas tenir compte du faux ou exiger l'autorisation.</p>
---	---	---

<p>Ibiteganywa n'iyi ngingo ntibibuza iyemezwa ry'umukono utatangiwe uburenganzira ariko utari umuhimbano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 91:</u> Igihe cyo kwemera inyandiko ntegekabwishyu</b></p> <p>Uwishyura ashobora kwemera inyandiko ntegekabwishyu ku munsu wagenwe wo gushyikiriza inyandiko kugira ngo yemerwe, cyangwa igihe cyose bitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ikurikira umunsu wagenwe kugira ngo inyandiko yemerwe.</p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu yatanze mu buryo bukurikije amategeko ariko ntiyakirwe mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uwitwaje inyandiko abifata nk'aho inyandiko yanzwe.</p> <p>Uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu atakaza uburenganzira bwo gukurikirana nyir'inyandiko, cyangwa abandi bayiherekeranyije, iyo atasabiye inyandiko kwemerwa mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. icyakora, uburenganzira bwe bwo gukurikirana nyir'inyandiko bukomeza kubaho iyo habayeho impamvu itunguranye kandi ntarengwa.</p>	<p>The provisions of this Article do not affect the approval of an unauthorised signature not amounting to a forgery.</p> <p><b><u>Article 91:</u> Time for acceptance of a bill of exchange</b></p> <p>The payer may accept a bill of exchange on the day of its due presentation to him or her for acceptance or at any time within three (3) working days of the due date for its acceptance.</p> <p>If a bill of exchange is duly presented for acceptance and is not accepted within the period referred to in Paragraph One of this Article, the bearer considers it as dishonoured by non-acceptance.</p> <p>The bearer of a bill of exchange loses the right to recourse against the drawer or endorsers if he or she has not presented the bill of exchange for acceptance within the prescribed time referred to in Paragraph One of this Article. However, his or her right to recourse against the drawer may still stand in an unforeseeable event or in the event of force majeure.</p>	<p>Les dispositions du présent article n'empêchent pas l'approbation d'une signature non autorisée qui ne constitue pas un faux.</p> <p><b><u>Article 91:</u> Délai d'acceptation d'une lettre de change</b></p> <p>Le payeur peut accepter une lettre de change le jour dû pour sa présentation pour acceptation ou à tout temps endéans trois (3) jours ouvrables qui suivent le jour dû pour son acceptation.</p> <p>Lorsque la lettre de change dûment présentée n'est pas acceptée dans le délai visé à l'alinéa premier du présent article, le porteur la considère comme non-acceptée.</p> <p>Le porteur de la lettre de change perd son droit de recours contre le tireur ou les endosseurs lorsqu'il n'a pas présenté la lettre de change pour l'acceptation dans les délais impartis dans l'alinéa premier du présent article. Toutefois, son droit de recours peut persister contre le tireur en cas fortuit ou de force majeure.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 92: Itariki yo kwemera inyandiko ntegekabwishyu</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu ishobora kwishyurwa ari uko yerekanywe gusa, cyangwa yateganyirijwe igihe igomba kwemerwamo, uwemera ashobora kuyandikaho itariki y’umwe mu minsi yateganyijwe, ariko iyo tariki ikaba itarenze itariki y’ukwemera nyako kw’inyandiko ntegekabwishyu.</p> <p>Icyakora, inyandiko ntegekabwishyu ntiyateshwa agaciro gusa n’uko yashyizweho itariki ya mbere cyangwa ya nyuma y’umunsi yakoreweho, cyangwa n’uko ifite itariki y’umunsi utari uw’akazi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 93: Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga yangiwe kwishyurwa n’iyemewe ku buryo butuzuye</u></b></p> <p>Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga yangiwe kwishyurwa kubera ko itigeze yemerwa mbere, igomba guherekezwa n’inyandiko mvaho yemeza ko itishyuwe yujujwe ku buryo bukurikije amategeko igaragaza kutishyurwa kw’inyandiko ntegekabwishyu ifite agaciro.</p>	<p><b><u>Article 92: Date of acceptance of a bill of exchange</u></b></p> <p>Where a bill of exchange is payable at sight or at a fixed period of acceptance, the acceptor may date his or her acceptance thereon as of any of the days specified but not later than the day of his or her actual acceptance of the bill of exchange.</p> <p>However, a bill of exchange is not invalid by reason only that it is ante-dated or post-dated, or that it bears date on non-working day.</p> <p><b><u>Article 93: Dishonoured and a partially accepted foreign bill of exchange</u></b></p> <p>A foreign bill of exchange that was dishonoured due to its previous non-acceptance must be accompanied by a duly authenticated protest indicating non-payment of a valid bill of exchange.</p>	<p><b><u>Article 92: Date d’acceptation d’une lettre de change</u></b></p> <p>Lorsqu’une lettre de change est payable à vue ou à une date fixe d’acceptation, l’accepteur peut y inscrire, comme date de son acceptation, l’un des jours prévus à condition que la date ne soit pas postérieure à son acceptation effective de la lettre de change.</p> <p>Toutefois, une lettre de change n’est pas invalide du seul fait qu’elle est antidatée ou postdatée, ou qu’elle porte une date d’un jour non ouvrable.</p> <p><b><u>Article 93: Lettre de change étrangère refusée et celle partiellement acceptée</u></b></p> <p>La lettre de change émise à l’étranger qui a fait l’objet de refus de paiement pour ne pas avoir été acceptée auparavant doit être accompagnée d’un protêt en bonne et due forme attestant le défaut de paiement de la lettre de change valide.</p>
--	--	---

<p>Inyandiko ntegekabwishyu mvamahanga yemewe ku buryo butuzuye ikorerwa inyandiko mvaho ku gice gisigaye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 94:</u> Gukurikirana uwatanze inyandiko ntegekabwishyu cyangwa uwayiherekanyije</b></p> <p>Uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu yanzwe n'uwoherejwe inyandiko yishyura agira uburenganzira bwo gukurikirana nyir'inyandiko cyangwa abandi bayiherekanyije.</p> <p><b><u>Ingingo ya 95:</u> Kwanga iyemerwa rifite inkomyi</b></p> <p>Uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu ashobora kwanga iyemerwa rifite inkomyi.</p> <p>Iyo uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu yanze iyemerwa rifite inkomyi, inyandiko ntegekabwishyu ifatwa nk'aho yanzwe keretse iyo nyir'inyandiko yabimenyeshejwe ntabitambamire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 96:</u> Inyandiko ntegekabwishyu itujujwe yose</b></p> <p>Iyo nyir'inyandiko ashyize umukono bisanzwe ku rupapuro ntacyo arwanditseho kugira ngo ruhindurwemo inyandiko ntegekabwishyu, aba akoze nk'utanze</p>	<p>A foreign bill of exchange which was partially accepted is subject to a protest for the part not accepted.</p> <p><b><u>Article 94:</u> Recourse against a drawer or an endorser</b></p> <p>A bearer of a bill of exchange dishonoured by non-acceptance by a drawee has the right of recourse against the drawer or other endorsers.</p> <p><b><u>Article 95:</u> Refusal of restrictive acceptance</b></p> <p>The bearer of a bill of exchange may refuse a restrictive acceptance.</p> <p>If the bearer of a bill of exchange refuses a restrictive acceptance, the bill of exchange is considered as dishonoured unless the drawer is notified thereof without him or her expressing his or her opposition.</p> <p><b><u>Article 96:</u> Incomplete bill of exchange</b></p> <p>If a drawer makes a simple signature on a blank paper in order for it to be converted into a bill of exchange, it operates as undisputed authority to fill it up as a</p>	<p>La lettre de change émise à l'étranger qui a été partiellement acceptée fait l'objet d'un protêt pour la partie non acceptée.</p> <p><b><u>Article 94 :</u> Recours contre un tireur ou un endosseur</b></p> <p>Le porteur d'une lettre de change refusée à l'acceptation par le tiré a droit de recours contre le tireur ou d'autres endosseurs.</p> <p><b><u>Article 95:</u> Refus d'une acceptation restrictive</b></p> <p>Le porteur d'une lettre de change peut refuser une acceptation restrictive.</p> <p>Lorsque le porteur d'une lettre de change refuse une acceptation restrictive, la lettre de change est réputée refusée à moins que le tireur qui en a été notifié n'y fait pas opposition.</p> <p><b><u>Article 96:</u> Lettre de change incomplète</b></p> <p>Lorsqu'un tireur appose une simple signature sur un papier en blanc pour qu'elle soit convertie en lettre de change, il opère comme irrévocablement habilité</p>
--	--	--

<p>ububasha budashidikanywaho bwo kurwuzuzaho nk'inyandiko ntegekabwishyu umubare wose w'amafaranga uzishingirwa no kuba nyir'inyandiko, uwayemeye cyangwa uyishererekanyije ayishyizeho umukono ku bw'iyoy mpamvu. Iyo inyandiko ntegekabwishyu iburaho ibisobanuro mu mimerere yayo, uyitwaje aba afite ububasha budashidikanywaho bwo kuzuba ibiyiburaho uko abyumva.</p> <p><b><u>Ingingo ya 97:</u> Gutakaza uburenganzira bwo gukurikirana nyir'inyandiko itujujwe yose cyangwa uwayishererekanyije</b></p> <p>Iyo uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu abonye ko itujujwe yose kandi akayemera, ntashobora kurega nyir'inyandiko n'uwayererekanyije keretse bigaragaye ko yabihereye uburenganzira mu buryo bweruye cyangwa buteruye, cyangwa hari uwu inyandiko ireba wemeye gukosora iyo inyandiko.</p> <p>Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba kwemera inyandiko kw'igice kwamenyeshejwe uwitwaje inyandiko.</p>	<p>complete bill of exchange for any amount the stamp will cover, using the signature for that purpose of the drawer, the acceptor or the endorser. If a bill of exchange lacks any material particular, the bearer has an undisputable authority to fill up the omission in any way he or she thinks.</p> <p><b><u>Article 97:</u> Loss of right to recourse against a drawer or an endorser of an incomplete bill of exchange</b></p> <p>When a bearer notes that a bill of exchange is incomplete and subsequently accepts it, he or she can institute no recourse against the drawer and endorser unless it appears that the bearer has been expressly or impliedly authorised to do so or that either party to the bill has accepted to correct it.</p> <p>The provisions of Paragraph One of this Article do not apply to a partial acceptance notified to the bearer.</p>	<p>pour le remplir comme une lettre de change complète pour tout montant que l'apposition de la signature du tireur, de l'accepteur ou de l'endosseur couvrira à cet effet. Lorsqu'une lettre de change manque de détails matériels, le porteur a le pouvoir irrévocable de remplir l'omission de quelque façon qu'il pense.</p> <p><b><u>Article 97:</u> Perte du droit de recours contre le tireur ou l'endosseur d'une lettre de change incomplète</b></p> <p>Lorsqu'un porteur constate qu'une lettre de change est incomplète et l'accepte, il ne peut pas tenter un recours contre le tireur et l'endosseur, à moins que le porteur n'ait été expressément ou implicitement autorisé à le faire ou que l'une des parties à la lettre de change ait accepté de la corriger.</p> <p>Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à une acceptation partielle dont la notification a été faite au porteur.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 98: Kwemerwa kugobokewe kw'inyandiko ntegekabwishyu</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu itarageza igihe cyo kwishyurwa yakorewe inyandiko mvaho yemeza ko yanzwe cyangwa ikeneye ubwishingire buhagije, umuntu wese ashobora kugoboka kugira ngo yakirwe.</p> <p>Kwemera kugobokewe kw'inyandiko ntegekabwishyu gushobora gukorwa gusa ku gice cy'umubare w'amafaranga yanditse ku nyandiko ntegekabwishyu.</p>	<p><b><u>Article 98: Acceptance of a bill of exchange for honour</u></b></p> <p>If a bill of exchange that is not yet due has been subjected to a protest or requires a better security, any person may intervene for its acceptance.</p> <p>A bill of exchange may be accepted for honour for only part of the sum specified on the bill of exchange.</p>	<p><b><u>Article 98: Acceptation d'une lettre de change par intervention</u></b></p> <p>Lorsqu'une lettre de change qui n'a pas encore atteint son échéance a fait l'objet d'un protêt ou exige une garantie suffisante, toute personne peut intervenir en vue de son acceptation.</p> <p>L'acceptation par intervention ne peut se faire que sur une partie de la somme de la lettre de change.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 99: Ibisabwa mu kwemerwa kugobokewe kw'inyandiko ntegekabwishyu</u></b></p> <p>Ibisabwa kugira ngo ukwemera kugobokewe kw'inyandiko ntegekabwishyu kugire agaciro ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba kwanditswe ku buryo busobanutse kandi bwihariye ku nyandiko ntegekabwishyu herekanwa ku buryo bugaragara inkomoko yayo;</p> <p>2° kuba kwashyizweho umukono n'uwagobotse.</p>	<p><b><u>Article 99: Requirements for acceptance of a bill of exchange for honour</u></b></p> <p>The requirements for validity of an acceptance for honour of the bill of exchange are the following:</p> <p>1° written on the bill of exchange in a specific manner and clearly indicating its source;</p> <p>2° signed by the acceptor for honour.</p>	<p><b><u>Article 99: Conditions d'acceptation d'une lettre de change par intervention</u></b></p> <p>Les conditions de validité d'une acceptation d'une lettre de change par intervention sont les suivantes :</p> <p>1° être rédigée sur la lettre de change d'une manière spécifique et dans des termes indiquant clairement sa source ;</p> <p>2° être signée par l'intervenant.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 100: Inshingano z'uwagobotse</u></b></p> <p>Uwagobotse yishingira kwishyura inyandiko ntegekabwishyu hakurikijwe ibiteganyijwe mu kuyemera igihe uwishyura atishyuye. Uwagobotse afite inshingano ku witwaje inyandiko ntegekabwishyu n'abandi bose barebwa na yo ba nyuma y'uwo yemeye kugobokera.</p> <p><b><u>Ingingo ya 101: Ubwishyu bugobokewe</u></b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu itishyuwe kubera kubura ubwishyu, umuntu wese ashobora kuyishyura agobokeye uruhande rufite iyo nshingano cyangwa abikoreye uwishyura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 102: Ikimenyetso cy'ubwishyu bugobokewe</u></b></p> <p>Kugira ngo ubwishyu bugobokewe budafatwa nk'ubwishyu bukozwe ku bushake, ubwishyu bugobokewe bugaragazwa n'inyandiko mpamo y'igoboka ishobora gushyirwa ku mugereka w'inyandiko mvaho yemeza ko inyandiko ntegekabwishyu itishyuwe cyangwa ku buryo yomekwa kuri iyo nyandikomvaho.</p>	<p><b><u>Article 100: Obligations of acceptor for honour</u></b></p> <p>The acceptor for honour commits to pay the bill of exchange according to the tenor of his or her acceptance, in case it is not paid by the drawee. The acceptor for honour is liable to the bearer and to all parties to the bill of exchange subsequent to the party for whose honour he or she has accepted.</p> <p><b><u>Article 101: Payment for honour</u></b></p> <p>If a bill of exchange is not paid, any person may intervene and pay it for the honour of any party liable on it or for the honour of the payer.</p> <p><b><u>Article 102: Proof of payment for honour</u></b></p> <p>In order to operate as a payment for honour and not as a mere voluntary payment, the payment for honour is proved by a notarial act of honour which may be appended to the protest or form an extension of it.</p>	<p><b><u>Article 100 : Obligations de l'intervenant</u></b></p> <p>L'intervenant s'engage à payer la lettre de change dans le respect des termes de son acceptation en cas de non-paiement par le tiré. L'intervenant est obligé envers le porteur et toutes autres parties à la lettre de change postérieures à la partie pour laquelle il a accepté d'intervenir.</p> <p><b><u>Article 101: Paiement par intervention</u></b></p> <p>En cas de défaut de paiement d'une lettre de change, toute personne peut la payer par intervention pour le compte de la partie qui y est obligée ou pour le compte du payeur.</p> <p><b><u>Article 102: Preuve du paiement par intervention</u></b></p> <p>Pour produire son effet comme paiement par intervention et non comme simple paiement volontaire, le paiement par intervention est prouvé par un acte notarié d'intervention qui peut être annexé au protêt ou en former une allonge.</p>
--	--	--



<p>Inyandiko mpamo y'igoboka ishingira ku byavuzwe n'uwagobotse cyangwa intumwa ye, atangaza ko afite ubushake bwo kwishyura inyandiko ntegekabwishyu agobotse n'izina ry'uwo yagobokeye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 103:</u> Kwishyura no gusimbura</b></p> <p>Igihe cy'ubwishyu bugobokewe, abandi bose biyongera ku bo inyandiko ntegekabwishyu yishyuriweho bavanirwaho ubwishyu. Uwishyuye agobotse asimburu ufite inyandiko ntegekabwishyu ku bijyanye n'uburenganzira n'ishingano afite ku wo yishyuriye n'abandi bose bafite inshingano kuri we.</p> <p><b><u>Ingingo ya 104:</u> Kubara inyungu ku nyandiko ntegekabwishyu igomba kwishyurwa hariho inyungu</b></p> <p>Iyo inyandiko ntegekabwishyu igomba kwishyurwa hariho inyungu, inyungu zitangira kubarwa uherye itariki inyandiko ntegekabwishyu yatangiweho keretse iyo biteganyijwe ukundi mu masezerano.</p>	<p>The notarial act of honour is founded on a declaration made by the acceptor for honour or his or her agent in that behalf, stating his or her intention to pay the bill of exchange for honour and for whose honour he or she pays.</p> <p><b><u>Article 103:</u> Payment and subrogation</b></p> <p>When a bill of exchange has been paid for honour, all parties subsequent to the party for whose honour it is paid are discharged. The payer for honour is subrogated for and succeeds to both the rights and duties of the holder with respect to the party for whose honour he or she pays and all parties liable to that party.</p> <p><b><u>Article 104:</u> Calculation of interests for a bill of exchange payable with interest</b></p> <p>If a bill of exchange is expressed to be payable with interest, interest accrues, unless provided otherwise in a contract, from the date of issue.</p>	<p>L'acte notarié d'intervention est fondé sur une déclaration de l'intervenant, ou de son représentant, énonçant son intention de payer la lettre de change par intervention et le nom de celui pour qu'il la paie.</p> <p><b><u>Article 103 :</u> Paiement et subrogation</b></p> <p>En cas de paiement par intervention, toutes les parties subséquentes à celle pour qui la lettre de change est payée sont libérées. Le payeur par intervention est subrogé au détenteur et lui succède dans tous ses droits et obligations vis-à-vis de la partie pour laquelle il a payé et de toutes les autres parties qui sont obligées envers celle-ci.</p> <p><b><u>Article 104 :</u> Calcul des intérêts pour une lettre de change payable avec intérêts</b></p> <p>Lorsqu'une lettre de change est expressément payable avec intérêts, ceux-ci courent, sauf indication contraire du contrat, à partir de la date d'émission.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 105: Umukemurampaka</u></b></p> <p>Uwishyura akoresheje inyandiko ntegekabwishyu n’uwayihererekanyije bashobora kugaragaza uwo uyitwaje azitabaza, bibaye ngombwa, kugira ngo akemure impaka igihe inyandiko izaba yanzwe cyangwa itishyuwe.</p> <p>Uwitwaje inyandiko ntegekabwishyu ashobora kwitabaza uwagenwe gukemura impaka igihe abonye ko ari ngombwa.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: SHEKI</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 106: Sheki yatanze mbere cyangwa nyuma y’itariki iyanditseho</u></b></p> <p>Sheki ntiteshwa agaciro no kuba itariki iyanditseho ari iya mbere cyangwa iya nyuma y’itariki nyakuri yatangiweho iyo impande bireba zabyumvikanyeho.</p> <p>Uwitwaje sheki agira uburengazira bwose kuri iyo sheki uherye itariki yanditsweho na nyiri sheki.</p> <p>Ikigo cy’imari ntigishobora kwishyura sheki mbere y’itariki yanditseho ko ari yo yatangiweho.</p>	<p><b><u>Article 105: Referee</u></b></p> <p>The payer of a bill of exchange and an endorser may insert in the bill of exchange the name of the referee to whom, if necessary, the bearer may resort in case the bill of exchange is dishonoured by non-acceptance or non-payment.</p> <p>The bearer of a bill of exchange may, if necessary, resort to the referee.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: CHEQUE</u></b></p> <p><b><u>Article 106: Antedated or post-dated cheque</u></b></p> <p>A cheque does not lose its validity by the fact that the date written on it is before or after the actual date of its issuance where both parties agree.</p> <p>A cheque bearer is entitled to all rights on that cheque from the date of its issuance by the drawer.</p> <p>A financial institution cannot pay the cheque before the date indicated for its issuance.</p>	<p><b><u>Article 105 : Recommandataire</u></b></p> <p>Le payeur et l’endosseur d’une lettre de change peuvent y indiquer le nom du recommandataire à qui le porteur peut faire recours, si nécessaire, en cas de refus d’acceptation ou de paiement de la lettre de change.</p> <p>Le porteur d’une lettre de change peut, s’il l’estime nécessaire, faire recours au recommandataire.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV : CHÈQUE</u></b></p> <p><b><u>Article 106 : Chèque antidaté ou postdaté</u></b></p> <p>Le chèque ne perd pas sa validité par le fait qu’il est antidaté ou postdaté par rapport à sa date réelle d’émission lorsqu’il y a accord entre les parties.</p> <p>Le porteur acquiert tous les droits au chèque à partir de la date de son émission par le tireur.</p> <p>L’institution financière ne peut pas payer un chèque avant la date indiquée pour son émission.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 107: Kwerekana sheki n'iyishyurwa ryayo</u></b></p> <p>Uwitwaje sheki cyangwa undi wabihereye uburenganzira ayishyikiriza ikigo cy'imari cyangwa ishami ryacyo kugira ngo yishyurwe.</p> <p>Ikigo cy'imari gishobora kwakira sheki y'umukiriya wacyo kugira ngo kimwishyurize mu kindi kigo cy'imari hakurikijwe amategeko agenga uburyo bw'ihwanyabwishyu. Ikigo cy'imari gishobora kwerekana iyo sheki nk'urupapuro cyangwa mu buryo koranabuhanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 108: Uburyo bwo kwishyura sheki</u></b></p> <p>Kwerekana sheki ngo yishyurwe bikorwa n'uyitwaje ayereka uwishyura.</p> <p>Nyiri sheki cyangwa uwayiherekeranyije ntacyo aryozwa iyo uyitwaje cyangwa uwayeguriwe atayerekanye kugira ngo yishyurwe mu buryo bwemewe n'amategeko abigenga.</p>	<p><b><u>Article 107: Presentation of a cheque and its payment</u></b></p> <p>A bearer of a cheque or any other authorised person presents the cheque to a financial institution or its branch for payment.</p> <p>The financial institution may receive the cheque of its client for payment in another financial institution in accordance with clearing rules. The financial institution may present that cheque in paper or in electronic form.</p> <p><b><u>Article 108: Mode of payment of a cheque</u></b></p> <p>Presentation of a cheque for payment is done by the bearer to the payer.</p> <p>The drawer or endorser of a cheque is not liable if the bearer or endorsee has not presented the cheque for payment in accordance with relevant Laws.</p>	<p><b><u>Article 107: Présentation d'un chèque et son paiement</u></b></p> <p>Le porteur d'un chèque ou toute personne autorisée présente le chèque auprès d'une institution financière ou de sa succursale pour paiement.</p> <p>L'institution financière peut accepter un chèque versé par son client pour procéder au recouvrement auprès d'une autre institution financière conformément aux règlements relatifs à la compensation. L'institution financière peut présenter ce chèque en imprimé ou sous forme électronique.</p> <p><b><u>Article 108: Mode de paiement d'un chèque</u></b></p> <p>La présentation d'un chèque pour paiement est faite par le porteur au payeur.</p> <p>Le tireur ou l'endorseur d'un chèque n'est pas responsable si le porteur ou l'endossataire n'a pas présenté le chèque au paiement conformément à la législation en la matière.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 109:</u> Igihe sheki imara ifite agaciro</b></p> <p>Sheki igira agaciro mu minsi mirongo itandatu (60) uherye ku itariki yatangiweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 110:</u> Sheki idacuruzwa</b></p> <p>Sheki iba idacuruzwa iyo icyeho imirongo ibiri iteganye.</p> <p>Guca imirongo kuri sheki kuba rusange iyo yaciweho imirongo ibiri iberamye iteganye. Hagati y’iyo mirongo hashobora kwandikwamo amagambo «nticuruzwa» cyangwa ntiyandikwemo.</p> <p>Sheki yaciweho imirongo yishyurwa ikigo cy’imari cyangwa kuri konti y’umukiriya gusa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 111:</u> Ibishobora gukorwa kuri sheki icyeho cyangwa idacyeho imirongo</b></p> <p>Sheki icyeho cyangwa idacyeho imirongo ishobora gukorwaho ibi bikurikira:</p> <p>1° nyiri sheki yishyurwa ashobora gutanga sheki icyeho imirongo;</p>	<p><b><u>Article 109:</u> Validity period of a cheque</b></p> <p>A cheque remains valid for sixty (60) days as from the date of issuance.</p> <p><b><u>Article 110:</u> Non-negotiable cheque</b></p> <p>A cheque is non-negotiable if it is crossed by drawing two parallel lines on it.</p> <p>Crossing a cheque is general if two parallel lines are obliquely drawn on it. Between the two lines, mention of the words “not negotiable” is optional.</p> <p>A crossed cheque is payable to a financial institution or only at the account of the client.</p> <p><b><u>Article 111:</u> Acts susceptible to apply to a crossed or uncrossed cheque</b></p> <p>The following acts may be applied on a crossed or uncrossed cheque:</p> <p>1° a drawer may issue a crossed cheque;</p>	<p><b><u>Article 109 :</u> Durée de validité d’un chèque</b></p> <p>La durée de validité d’un chèque est de soixante (60) jours à partir de la date d’émission.</p> <p><b><u>Article 110 :</u> Chèque non négociable</b></p> <p>Un chèque est non négociable lorsqu’il est barré en y traçant deux lignes parallèles.</p> <p>Est à barrement général le chèque dont le recto est tracé obliquement par deux lignes parallèles. Ces lignes peuvent comporter entre elles la mention facultative « non négociable ».</p> <p>Le chèque barré est versé à une institution financière ou uniquement au compte du client.</p> <p><b><u>Article 111 :</u> Actes susceptibles de s’appliquer à un chèque barré ou non barré</b></p> <p>Les actes suivants peuvent s’appliquer au chèque barré ou non barré :</p> <p>1° un tireur peut émettre le chèque barré ;</p>
---	---	---

<p>2° uwitwaje sheki ashobora guca imirongo kuri sheki yose idaciyeho imirongo yakiriye;</p> <p>3° ikigo cy'imari cyakiriye sheki icyemo imirongo gishobora kwitabaza ikindi kigo cy'imari kugira ngo cyishyure iyo sheki, na cyo kigacaho imirongo yihariye;</p> <p>4° ikigo cy'imari gishobora, mu izina ryacyo, guca imirongo kuri sheki idaciyeho imirongo cyangwa icyeho imirongo ku buryo bwa rusange ngo yishyurwe;</p> <p>5° nyiri sheki yishyurwa ashobora gukura imirongo kuri sheki yandika hagati y'imirongo iberamye iteganye amagambo «ishyura kashi» akanashyiraho umukono.</p>	<p>2° a bearer who receives uncrossed cheque may cross it;</p> <p>3° a financial institution that receives a crossed cheque may require intervention of another financial institution to pay that cheque by marking it with special crossing;</p> <p>4° a financial institution may cross in its name an uncrossed cheque or a generally crossed cheque for payment;</p> <p>5° a drawer may uncross a cheque by writing between the lines the words "pay cash" and by signing on it.</p>	<p>2° un porteur peut procéder au barrement de tout chèque non barré qu'il reçoit ;</p> <p>3° une institution financière qui reçoit un chèque barré peut requérir l'intervention d'une autre institution financière pour l'encaissement en procédant à un nouveau barrement spécial ;</p> <p>4° une institution financière peut barrer à son nom le chèque non barré ou à barrement général pour encaissement ;</p> <p>5° un tireur peut débarrer un chèque en écrivant entre les lignes obliques les mots « payez au comptant » en y apposant sa signature.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 112: Imirongo iri kuri sheki nka kimwe mu bice biyigize</u></b></p> <p>Imirongo icye kuri sheki ifatwa nka kimwe mu bice biyigize. Ntibyemewe guhindura ku buryo ubwo ari bwo bwose imirongo yaciye kuri sheki keretse igihe byemewe n'iri tegeko.</p>	<p><b><u>Article 112: Crossing as a part of a cheque</u></b></p> <p>A crossing is part of the cheque. It is not lawful for any person to alter, in any manner, the crossing except as authorised by this Law.</p>	<p><b><u>Article 112 : Barrement faisant partie intégrante du chèque</u></b></p> <p>Le barrement fait partie intégrante du chèque. Il est illégal d'altérer de quelque façon que ce soit le barrement sauf dans les cas permis par la présente loi.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 113: Kubuza guca imirongo kuri sheki igenewe ikigo cy'imari kirenze kimwe</u></b></p> <p>Iyo sheki yaciweho imirongo mu izina ry'ikigo cy'imari kirenze kimwe, ikigo cy'imari yanditseho ntikiyishyura, keretse iyo guca imirongo byakozwe mu izina ry'ikindi kigo cy'imari nk'intumwa yo kwishyura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 114: Sheki yishyurirwa mu kindi gihugu</u></b></p> <p>Sheki itangiwe mu gihugu kimwe ishobora kwishyurirwa cyangwa gucururizwa mu kindi gihugu. Agaciro ka sheki ku bijyanye n'imiterere yayo kagengwa hakurikijwe amategeko yo mu gihugu sheki yatangiwemo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 115: Agaciro ka sheki yatangiwe mu mahanga</u></b></p> <p>Iyo sheki yatangiwe mu mahanga yubahirije amategeko y'u Rwanda mu birebana n'imiterere yayo, ifatwa nk'aho ifite agaciro hagati y'abantu bose bayicuruza, bayifite cyangwa bayiherekeranyije mu Rwanda.</p> <p>Icyakora, ku byerekeye amasezerano ashobora kuvuka, harimo kwemera,</p>	<p><b><u>Article 113: Prohibition to cross a cheque to more than one financial institution</u></b></p> <p>If a cheque is crossed to more than one financial institution, the financial institution on which it is drawn refuses payment of it, except when crossed to another financial institution as agent for collection.</p> <p><b><u>Article 114: Cheque payable outside the country</u></b></p> <p>A cheque issued in one country may be payable or negotiated in another country. The validity of the cheque as regards the nature of the cheque is governed in accordance with the legislation of the country in which the cheque is issued.</p> <p><b><u>Article 115: Validity of a cheque issued abroad</u></b></p> <p>A cheque issued outside Rwanda that conforms to Rwandan legislation as regards to the form is taken as valid between all persons who negotiate, bear or endorse it in Rwanda.</p> <p>However, regarding a contract that may arise, including acceptance, order to pay by</p>	<p><b><u>Article 113: Interdiction de barrement d'un chèque au nom de plus d'une institution financière</u></b></p> <p>Lorsqu'un chèque est barré à plus d'une institution financière, l'institution financière sur laquelle il est tiré en refuse le paiement, sauf si le barrement est fait au nom d'une autre institution financière en tant qu'agent de recouvrement.</p> <p><b><u>Article 114: Chèque payable à l'étranger</u></b></p> <p>Un chèque émis dans un pays peut être tiré ou négocié dans un autre pays. La validité d'un chèque quant à sa nature est régie conformément à la législation du pays de son émission.</p> <p><b><u>Article 115: Validité d'un chèque émis à l'étranger</u></b></p> <p>Lorsqu'un chèque émis à l'étranger est conforme, par sa nature, à la législation du Rwanda, il est considéré comme valable entre toutes les personnes qui le négocient, le portent ou l'endossent au Rwanda.</p> <p>Toutefois, en ce qui concerne les contrats pouvant survenir, y compris l'acceptation,</p>
--	---	---

<p>gutegeka ko yishyurwa ihererekanyijwe cyangwa kwemerwa igobokewe, agaciro ka sheki kagenwa n'amategeko y'aho amasezerano yakorewe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 116:</u></b> Igenwa ry'indishyi igihe sheki yanzwe</p> <p>Iyo sheki yanzwe, amafaranga y'indishyi agengwa n'amategeko y'igihugu cy'aho amasezerano agomba gushyirirwa mu bikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 117:</u></b> Ingaruka z'icuruzwa rya sheki</p> <p>Ingaruka zo gucuruza sheki zigengwa n'amategeko y'igihugu yacurujwemo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 118:</u></b> Ububasha bwo gukora amasezerano</p> <p>Ububasha bwo gukora amasezerano kuri sheki bugengwa n'amategeko y'aho amasezerano yakorewe.</p>	<p>endorsement or accepted for honour, the validity of a cheque is determined by the Law of the place where the contract was concluded.</p> <p><b><u>Article 116:</u></b> Determination of damages when a cheque is dishonoured</p> <p>If a cheque is dishonoured, the amount for damages is governed by the legislation of the country where the contract is to be performed.</p> <p><b><u>Article 117:</u></b> Effects of cheque negotiation</p> <p>The effects of cheque negotiation are governed by the legislation of the country where the cheque is negotiated.</p> <p><b><u>Article 118:</u></b> Capacity to contract</p> <p>The capacity to contract on a cheque is governed by the legislation of the place where the contract is made.</p>	<p>l'endossement ou l'acceptation par intervention, la validité d'un chèque est déterminée par la loi du lieu où le contrat a été conclu.</p> <p><b><u>Article 116:</u></b> Détermination des dommages lorsque le chèque est refusé</p> <p>Lorsqu'un chèque est refusé, le montant des dommages-intérêts est régi par la législation du pays d'exécution du contrat.</p> <p><b><u>Article 117:</u></b> Effets de négociation d'un chèque</p> <p>Les effets de négociation d'un chèque sont régis par la législation du pays de négociation.</p> <p><b><u>Article 118:</u></b> Capacité de contracter</p> <p>La capacité de contracter par chèque est régie par la législation du lieu de conclusion du contrat.</p>
--	---	---

<p><b>UMUTWE WA V: INYANDIKO NSEZERANYABWISHYU</b></p>	<p><b>CHAPTER V: PROMISSORY NOTE</b></p>	<p><b>CHAPITRE V: BILLET À ORDRE</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 119:</u> Itangwa ry’inyandiko nsezeranyabwishyu</b></p> <p>Inyandiko nsezeranyabwishyu iba ituzuye igihe cyose itaratangwa ku uyigenewe cyangwa ugomba kuyitwaza wese ngo yishyurwe.</p>	<p><b><u>Article 119:</u> Delivery of a promissory note</b></p> <p>A promissory note is incomplete until it is provided to the payee or bearer for payment.</p>	<p><b><u>Article 119:</u> Remise d’un billet à ordre</b></p> <p>Un billet à ordre est incomplet tant qu’il n’est pas donné au bénéficiaire ou au porteur pour paiement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 120:</u> Inshingano y’ubufatanye cyangwa y’ubwisungane</b></p> <p>Inyandiko nsezeranyabwishyu ishobora gutangwa n’abantu benshi. Inyandiko nsezeranyabwishyu yanditseho amagambo «Niyemeje kwishyura» kandi iriho n’imikono y’abantu benshi, byerekana ko abayishyizeho imikono bafatanyije inshingano yo kwishyura.</p>	<p><b><u>Article 120:</u> Joint or several liability</b></p> <p>A promissory note may be made by several persons. Where a promissory note bears the words “I promise to pay” and is signed by several persons, it is considered to be their joint liability.</p>	<p><b><u>Article 120:</u> Obligation conjointe ou solidaire</b></p> <p>Un billet à ordre peut être souscrit par plusieurs personnes. Le billet à ordre qui porte la mention « Je promets de payer » accompagnée de signatures de plusieurs personnes rend les souscripteurs solidaires.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 121:</u> Igihe inyandiko nsezeranyabwishyu yishyurwa bisabwe yerekanirwamo ngo yishyurwe</b></p> <p>Inyandiko nsezeranyabwishyu yishyurwa bisabwe yerekanwa mu gihe kitarenze iminsi mironko itandatu (60) ngo yishyurwe nyuma y’uko ihererekanyijwe.</p>	<p><b><u>Article 121:</u> Period for presentation of a promissory note payable on demand</b></p> <p>A promissory note payable on demand is presented within sixty (60) days for payment after endorsement.</p>	<p><b><u>Article 121:</u> Période de présentation d’un billet à ordre payable sur demande</b></p> <p>Le billet à ordre payable sur demande est présenté pour paiement dans une période n’excédant pas soixante (60) jours après son endossement.</p>



<p><b><u>Ingingo ya 122: Gukererwa kwerekana inyandiko nsezeranyabwishyu ngo yishyurwe</u></b></p> <p>Iyo inyandiko nsezeranyabwishyu yishyurwa bisabwe, irengeje iminsi mirongo itandatu (60) iterekanywe ngo yishyurwe, ita agaciro.</p> <p>Icyakora, iyo inyandiko nsezeranyabwishyu yishyurwa bisabwe yatanzweho ingwate cyangwa ubwishingire, igumana agaciro gashingiye kuri ubwo bugwate cyangwa ubwishingire. Guta agaciro nyuma y'iminsi mirongo itandatu (60) ntibivanaho inshingano z'uwishyura.</p>	<p><b><u>Article 122: Late presentation of a promissory note for payment</u></b></p> <p>If a promissory note payable on demand is not presented for payment within sixty (60) days, it loses its validity.</p> <p>However, if a promissory note payable on demand has been delivered as a collateral or continuing security, it remains valid with regard to the collateral or security. Loss of validity after sixty (60) days does not relieve payer of his or her obligation.</p>	<p><b><u>Article 122: Présentation tardive d'un billet à ordre pour paiement</u></b></p> <p>Lorsqu'un billet à ordre payable sur demande dépasse soixante (60) jours sans présentation pour paiement, il perd sa validité.</p> <p>Toutefois, le billet à ordre payable sur demande reste valable s'il est grevé de gage ou assorti d'une intervention. La perte de la validité après soixante (60) jours ne libère pas le payeur de ses obligations.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 123: Ingaruka ku ukoze inyandiko nsezeranyabwishyu</u></b></p> <p>Ukoze inyandiko nsezeranyabwishyu aba yiyemeje ibi bikurikira:</p> <p>1° kwiyemeza kuyishyura hakurikijwe ibiyikubiyemo;</p> <p>2° kutabangamira uburenganzira bw'uyitwaje ku buryo bukurikije amategeko bwo:</p> <p>a) kugira umwishingizi;</p>	<p><b><u>Article 123: Effects on a maker of a promissory note</u></b></p> <p>The maker of a promissory note is committed to the following:</p> <p>1° to undertake to pay the promissory note according to its terms;</p> <p>2° not to interfere with the right of the bearer in accordance with the Law:</p> <p>a) to have a guarantor;</p>	<p><b><u>Article 123: Effets sur le souscripteur d'un billet à ordre</u></b></p> <p>Le souscripteur d'un billet à ordre s'engage à faire ce qui suit :</p> <p>1° payer le billet à ordre selon ses termes ;</p> <p>2° ne pas s'opposer au droit du porteur à :</p> <p>a) disposer d'une caution ;</p>

<p>b) kugira ubushobozi bwo gutegeka ko yishyurwa iherekanyijwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 124</u> : Kubara inyungu ku nyandiko nsezeranyabwishyu igomba kwishyurwa hariho inyungu</b></p> <p>Iyo inyandiko nsezeranyabwishyu igomba kwishyurwa hariho inyungu, inyungu zitangira kubarwa uherye itariki inyandiko nsezeranyabwishyu yatangiweho keretse iyo biteganyijwe ukundi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VI: IBYAHA N'IBIHANO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 125:</u> Kwakira mu buriganya amafaranga cyangwa inyandiko ishobora gucuruzwa</b></p> <p>Umuntu wese ugaragaweho kimwe mu bikorwa bikurikira:</p> <p>1° gukoresha uburiganya hagatangwa amafaranga, cyangwa inyandiko ishobora gucuruzwa, cyangwa guhanagura inshingano ku muntu hakoreshejwe inyandiko ntegekabwishyu cyangwa inyandiko nsezeranyabwishyu by'umuntu utabaho;</p>	<p>b) to have the capacity to order its payment by endorsement.</p> <p><b><u>Article 124:</u> Computation of interests for a promissory note payable with interests</b></p> <p>If a promissory note is expressed to be payable with interests, such interests begin to accrue from the date of issue unless provided otherwise.</p> <p><b><u>CHAPTER V: OFFENCES AND PENALTIES</u></b></p> <p><b><u>Article 125:</u> Fraudulent reception of funds or negotiable instrument</b></p> <p>Any person who is involved in one of the following acts:</p> <p>1° to cause fraudulently to be given funds, or a negotiable instrument, or discharge using a bill of exchange or promissory note from a person who does not exist;</p>	<p>b) avoir la capacité d'en ordonner le paiement par endossement.</p> <p><b><u>Article 124</u> : Calcul d'intérêts d'un billet à ordre payable avec intérêts</b></p> <p>Lorsqu'un billet à ordre est expressément payable avec intérêts, ceux-ci courent à partir de la date d'émission, sauf indication contraire,</p> <p><b><u>CHAPITRE VI: INFRACTIONS ET PEINES</u></b></p> <p><b><u>Article 125:</u> Réception frauduleuse de fonds ou d'un titre négociable</b></p> <p>Toute personne impliquée dans l'un des actes suivants :</p> <p>1° faire remettre frauduleusement des fonds ou un titre négociable, ou décharger une personne à l'aide d'une lettre de change ou d'un billet à ordre d'une personne qui n'existe pas ;</p>
---	---	---

<p>2° kwemerera kubikuzwa cyangwa ubikuzwa amafaranga azi neza ko nta mwenda arimo ku munsu w'icyo gikorwa cyangwa ku munsu w'ubwumvikane buri mu nyandiko ntegekabwishyu cyangwa mu nyandiko nsezeranyabwishyu;</p> <p>aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsu y'amezi atandatu (6) ariko kitarengeje imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari munsu y'inshuro ebyiri (2) ariko itarenze inshuro icumi (10) y'amafaranga agaragara ku nyandiko ishobora gucuruzwa mu mafaranga y'u Rwanda.</p> <p>Bitabangamiye ibihano biteganywa n'itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, ikigo gifite ubuzima gatozi gihamijwe icyaha giteganyijwe n'iyi ngingo, gicibwa ihazabu ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 126:</u> Gutanga sheki itazigamiwe</b></p> <p>Umuntu wese ugaragaweho kimwe mu bikorwa bikurikira:</p>	<p>2° to authorise or carry out any withdraw with knowledge that he or she is not a debtor on the date the transaction is made or on the settlement date featured in the bill of exchange or promissory note;</p> <p>commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not more than two (2) years and a fine of not less than two (2) times and not more than ten (10) times the value of the amount indicated on the negotiable instrument in Rwandan francs.</p> <p>Without prejudice to the penalties provided for by the Law determining offences and penalties in general, a legal entity which is convicted of the offence provided for in this Article is liable to the fine referred to in Paragraph 2 of this Article.</p> <p><b><u>Article 126:</u> Issuing a bouncing cheque</b></p> <p>Any person involved in one of the following acts:</p>	<p>2° autoriser ou effectuer tout retrait en sachant qu'elle n'est pas un débiteur à la date à laquelle la transaction est effectuée ou à la date de règlement figurant dans la lettre de change ou dans le billet à ordre ;</p> <p>commet une infraction.</p> <p>Si elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux (2) fois mais n'excédant pas dix (10) fois la valeur du montant indiqué sur l'instrument négociable en francs rwandais.</p> <p>Sans préjudice des peines prévues par la loi déterminant les infractions et les peines en général, une entité juridique reconnue coupable de l'infraction prévue par le présent article est passible de l'amende visée à l'alinéa 2 du présent article.</p> <p><b><u>Article 126 :</u> Émission d'un chèque sans provision</b></p> <p>Toute personne impliquée dans l'un des actes suivants :</p>
---	--	--

<p>1° gutanga sheki itazigamiwe abizi;</p> <p>2° kubikuzza ku bw'uburiganya amafaranga ye yose cyangwa igice cyayo cyangwa kubuza umufitiye amafaranga kwishyura, nyuma yo gutanga sheki, atarazitambamiye bitewe n'uko yatakaye, cyangwa yibwe cyangwa uwahawe sheki atarahombye cyangwa atarambuwe ububasha bwo kwakira amafaranga;</p> <p>3° gutanga sheki yahawe n'undi azi ko itazigamiwe cyangwa azi ko amafaranga arimo atakwishyura umwenda;</p> <p>aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro zitari munsi y'eshanu (5) ariko zitarengeje inshuro icumi (10) z'agaciro k'amafaranga ari kuri iyo sheki.</p> <p>Bitabangamiye ibihano biteganywa n'itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, ikigo gifite ubuzima gatozi</p>	<p>1° knowingly, issues a bouncing cheque;</p> <p>2° withdraws after issuing a cheque for all or part of the funds or prevents payment except in the case of loss or fraudulent withdrawal, bankruptcy or incapacity to receive payment;</p> <p>3° issues a cheque to another person knowing that there are no funds on his or her account or that the funds are insufficient to pay the debt;</p> <p>commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years but and not more than five (5) years and a fine in Rwandan francs of not less than five (5) times and not more than ten (10) times the value of the amount stated on the cheque.</p> <p>Without prejudice to the penalties provided for by the Law determining offences and penalties in general, a legal entity which is</p>	<p>1° émet sciemment un chèque sans provision ;</p> <p>2° retire après l'émission d'un chèque tout ou partie de la provision ou fait défense au tiré de payer sauf opposition régulière en cas de perte ou de soustraction frauduleuse du titre, de faillite du porteur ou de son incapacité de recevoir le paiement ;</p> <p>3° cède un chèque reçu d'une autre personne sachant qu'il n'y a pas de provision ou que la provision est insuffisante pour payer la dette ;</p> <p>commet une infraction.</p> <p>Si elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq (5) fois mais n'excédant pas dix (10) fois la valeur du montant indiqué sur le chèque en francs rwandais.</p> <p>Sans préjudice des peines prévues par la loi déterminant les infractions et les peines en général, une entité juridique reconnue</p>
---	---	---

<p>gihamijwe icyaha giteganyijwe n'iyi ngingo, gicibwa ihazabu ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.</p>	<p>convicted of the offence provided for in this Article is liable to the fine referred to in Paragraph 2 of this Article.</p>	<p>coupable de l'infraction prévue par le présent article est passible de l'amende visée à l'alinéa 2 du présent article.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO INYURANYE N'IZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VI: DISPOSITIONS DIVERSE ET FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo 127: Ububasha bwo gushyiraho amabwiriza rusange</u></b></p>	<p><b><u>Article 127: Power to issue regulations</u></b></p>	<p><b><u>Article 127 : Pouvoir de réglementation</u></b></p>
<p>Banki Nkuru y'u Rwanda ishobora gushyiraho amabwiriza rusange mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko.</p>	<p>The National Bank of Rwanda may issue regulations for the purpose of implementing this Law.</p>	<p>La Banque Nationale du Rwanda peut émettre des règlements en vue de la mise en application de la présente loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 128: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 128: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article 128: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></b></p>
<p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>This Law was prepared in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 129: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 129: Repealing provision</u></b></p>	<p><b><u>Article 129 : Disposition abrogatoire</u></b></p>
<p>Itegeko n° 32/2009 ryo ku wa 18/11/2009 ryerekeye inyandiko zishobora gucuruzwa n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p>Law n° 32/2009 of 18/11/2009 governing negotiable instruments and all prior provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>La loi n° 32/2009 du 18/11/2009 relative aux titres négociables ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>

<b><u>Ingingo ya 130: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></b>	<b><u>Article 130: Commencement</u></b>	<b><u>Article 130 : Entrée en vigueur</u></b>
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

e

Kigali, 14/10/2021

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux